# Imvaho Nshya
*Soma Usobanukirwe Buri Munsi*

NO .E-5 | TARIKI 18-24 Werurwe 2025 RPC P.O.BOX 3854 KIGALI-RWANDA TEL: +250 785 474 045 E-mail: info@rpc.rw



Imvaho Nshya Siporo

Rayon Sports y'Abagore yegukanye Igikombe cya shampiyona ku nshuro ya kabiri yikurikiranya

Volleyball: Amakipe ya Police yasanze aya APR ku mukino wa nyuma wa Playoffs


AMAKURU
Abanyeshuri n'abayobora ibigo basabwe kwitwararika bategura PISA

2

UBUKUNGU
Umusaruro mbumbe w'u Rwanda wazamutseho 8,9% mu 2024

5

AMAKURU
Nta muntu wagize inyungu muri Jenoside yakorewe Abatutsi – RIB

9

MU NTARA
Nyagatare: Uwari yarahumye yahuye n'Ingabo z'u Rwanda arareba

16


# Ibikubiye mu ibaruwa Perezida wa Mauritania yandikiye Perezida Kagame


**Perezida Paul Kagame yashyikirijwe ibaruwa ya mugenzi we wa MaurItania na Dr. Sidi Ould Tah, Umuyobozi wa BADEA**

**NTAWITONDA Jean Claude**

***Ku wa Gatanu tariki ya 21 Werurwe, Perezida wa Repubilika Paul Kagame yakiriye ibaruwa yandikiwe na Perezida Mohamed Ould Ghazouani wa Mauritania.***

Ni ibaruwa yashyikirijwe na Dr. Sidi Ould Tah, Umuyobozi wa Banki y'Abarabu Ishinzwe Iterambere ry'Ubukungu muri Afurika (BADEA) akaba n'umukandida ku mwanya wa Banki Nyafurika Itsura Amajyambere (AfDB).

Dr. Sidi Ould Tah yari kumwe na Minisitiri w'Ubukungu n'Imari Sid' Ahmed Ould Bouh, ubwo bakirwaga muri Village Urugwiro.

KOMEZA KU RUP.3



## Ingabo na Polisi batangije ibikorwa byo guteza imbere abaturage

URUP.2



## Tshisekedi yageze mu ijuru? Guhura na Perezida Kagame byakuruye impaka

URUP.4

## Leta yasabye amadini kwamagana inyigisho z'ubuyobe himikwa Musenyeri

**UWIZEYIMANA Aimable**

***Guverinoma y'u Rwanda yasabye amadini kuyifasha kwamagana inyigisho z'ubuyobe zitangirwa mu matorero amwe n'amwe kuko zigira ingaruka ku iterambere ry'abaturage n'iry'Igihugu muri rusange.***

Ni ubutumwa bwatanzwe na Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu (MINALOC) Dr. Mugenzi Patrice, kuri iki Cyumweru tariki ya 23 Werurwe,

KOMEZA KU RUP.3


**Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu Dr. Mugenzi Patrice,**

# Ingabo na Polisi batangije ibikorwa byo guteza imbere abaturage

**ZIGAMA Theoneste**

***Inzego z'Umutekano z'u Rwanda zirimo Ingabo na Polisi zatangiye ibikorwa biga-mije iterambere n'imibereho y'abaturage muri uyu mwaka wa 2025.***

**Umujyi wa Kigali**

Mu Mujyi wa Kigali ibikorwa byatangijwe n'Umunyamabanga wa Leta muri Minisiteri y'Uburezi Claudette Irere, ari kumwe n'Umuyobozi Mukuru wa Polisi wungirije ushinzwe ibikorwa, CP Vincent Sano, bitangirizwa mu Karere ka Kicukiro, Umurenge wa Niboye.

Ni ibikorwa byatangijwe kuri uyu wa Mbere tariki ya 17 Werurwe 2025, mu Mujyi wa Kigali ibyo bikorwa byatangiriye ku kubaka ikiraro cya Kajeke, gihuza Umurenge wa Kanombe na Niboye yo mu Karere ka Kicukiro.

Icyo kiraro cyari kiriho ibikoresho bidakomeye bikaba byateraga impungenge abagikoreshaga.

**Mu Ntara y'Amajyaruguru**

Mu Ntara y'Amajyaruguru ibikorwa byatangijwe na Minisitiri w'Ibikorwa Remezo, Dr Jimmy Gasore ari kumwe n'Umuyobozi Mukuru wa Polisi y'Igihugu CG Felix Namuhoranye, bitangirira mu Karere ka Burera mu Murenge wa Cyanika.

Mu Karere ka Rulindo mu Murenge wa Ntarabana, na ho ibyo bikorwa byahabereye, aho ingabo na polisi bafatanyije n'abaturage gucukura umuyoboro w'amazi ungana na kilometero ebyiri.

Ni umuyoboro uje gukemura ikibazo cy'amazi ku kigo nderabuzima cya Kinzuzi, kitayagiraga no gufasha abaturage bo muri ibyo bice kuyabona.

Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu, Dr Mugenzi Patrice yabwiye abaturage b'i Rulindo mu Ntara y'Amajyaruguru ko bakwiye gushima ubudasa bw'u Rwanda bwo kuba Ingabo na Polisi bava ku rugamba bakajya no gufasha abaturage mu rugamba rw'iterambere.

Ati: "Iyo bari aha ni uko tuba dufite umutekano. Nyuma y'umutekano turashimira Leta y'u Rwanda yemeye ko abasirikare bifatanya n'abaturage mu iterambere, ni ubudasa."

Ibindi bikorwa birimo kubera muri ako Karere ni uko abaturage barimo gupimwa Indwara zitandura, abo bazisanganye bakagirwa inama yo kugana abaganga.

**Mu Ntara y'Amajyepfo**

Mu Karere ka Nyanza naho mu Murenge wa Muyira inzego z'umutekano zatangiye kubaka inzu eshanu, imwe yagenewe imiryango ibiri (Two in One).

Ni inzu biteganyijwe ko zizatuzwamo imiryango 10, harimo itanu y'abirukanwe muri Tanzania, ibiri y'abarokotse Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, umwe wasezerewe mu ngabo, n'indi ibiri isanzwe itishoboye idafite aho kuba.

Ibyo bikorwa inzego z'umutekano zirabifatanya n'abaturage bamwe bubaka abandi batwara amabuye.

Abaturage bashimye ingabo na polisi ku rukundo n'ineza bagirira abaturage banabubakira.

Muri iyi gahunda y'ibikorwa by'inzego z'umutekano byo gufasha abaturage mu mibereho myiza n'iterambere hazubakwa ibiraro 9 mu bice bitandukanye by'Igihugu, hubakwa ibikorwa by'ubuvuzi no kurengera ibidukikije no gufasha abaturage kubona amazi meza n'ibindi.

**Mu Ntara y'Iburasirazuba**

Mu Karere ka Nyagatare, ibikorwa by'ingabo na Polisi byatangijwe na Minisitiri w'Ubuzima Dr Sabin Nsanzimana, ahakozwe ibikorwa by'ubuvuzi, byatangirijwe ku Bitaro bya Gatunda mu Karere ka Nyagatare, aho byitabiriwe na Minisitiri w'Ubuzima ari kumwe Guverineri w'Intara y'Iburasirazuba n'abandi bayobozi mu nzego zitandukanye.

**Mu Ntara y'Iburengerazuba**

Ibikorwa byatangijwe na Minisitiri w'Umutekano w'Imbere mu Gihugu, Dr Vincent Biruta, ari kumwe n'Umuyobozi Mukuru wa Polisi wungirije ushinzwe ubutegetsi n'abakozi, DCG Jeanne Chantal Ujeneza, bitangirizwa mu Karere ka Nyabihu, mu Murenge wa Shyira.

Ni ibikorwa byateguwe ku nsanganyamatsiko igira iti "Ubufatanye bw'abaturage n'inzego z'umutekano mu kwizihiza kwibohora 31 n'imyaka 25 y'imikoranire na Polisi y'u Rwanda."



Kicukiro, Inzego z'ibanze, ingabo na polisi bifatanyije n'abaturage mu bikorwa by'iterambere



Abanyeshuri biteguye kuzakora ibizami bya PISA neza

# Abanyeshuri n'abayobora ibigo basabwe kwitwararika bategura PISA

**ZIGAMA Theoneste**

***Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ibizamini n'Ubugenzuzi bw'Amashuri, NESA cyasabye abanyeshuri n'abayobora ibigo by'amashuri, kwitegura neza isuzuma mpuzamahanga ry'abanyeshuri (PISA).***

PISA isuzuma ubushobozi bw'abanyeshuri bafite imyaka 15 mu gukoresha ubumenyi bwabo mu mibare, icyongereza, na siyansi mu gukemura ibibazo biboneka mu buzima bwa buri munsi.

Iri suzuma rikorwa buri myaka itatu, rigatanga amakuru afasha ibihugu kunoza ibikorwa by'uburezi no guteza imbere imyigire.

NESA iri mu bukangurambaga bwo kwitegura PISA, mu bigo by'amashuri, ku bayobozi b'Inzego z'ibanze, abayobora n'abandi bafatanyabikorwa mu burezi.

Umuyobozi Mukuru wa NESA, Dr Bahati Bernard yasabye abanyeshuri gukora ibishoboka byose bakazitwara neza.

Yagize ati: "Nibaba barimo gukora iryo suzuma, bazatekereze ko bahagarariye igihugu. Mu isuzuma ry'igerageza twakoze mu mwaka ushize, twasanze, hari abanyeshuri barikora bataryitayeho."

Abayobora ibigo by'amashuri NESA yabasabye kwitwararika

Dr Bahati ati: "Ubuyobozi bw'amashuri burabusaba kuguma kudufashiriza abo banyeshuri no gutunganya amakuru y'abagiye kwitabira, igihe twakoraga igerageza, ugasanga umwana yavutse ku itariki 3 Gashyantare ariko yajya gukora rya suzuma ko ari tariki ya 3 Mata."

Udahemuka Audace, umuyobozi ushinzwe amasomo ku ishuri ryisumbuye rya Maranyundo Girls School, mu Karere ka Bugesera yagize ati: "Tugomba gutegura ibizamini bibanziriza iryo suzuma ku buryo PISA izagera abana bamaze kwitegura".

Munezero Parfaite, umunyeshuri kuri Maranyundo Girls School yavuze ko abarimu bakomeje kubategurira imyitozo kandi ko bifuza gukomeza kwigira mu matsinda kugira ngo bazabashe kwitwara neza muri PISA 2025.

Umuyobozi w'Akarere ka Rwamagana Wungurije Ushinzwe Imibereho y'Abaturage, Umutoni Jeanne yavuze ko akurikije uko amashuri yitwara neza mu bizamini, yizeye neza ko azitwara neza mu isuzuma rya PISA.

PISA izakorwa kuva tariki ya 27 Mata kugeza ku wa 7 Kamena 2025.

PISA izitabirwa n'ibihugu 91 byo ku Isi harimo 5 byo muri Afurika ari byo Maroco, Zambia, Misiri, Kenya n'u Rwanda.





# Ibikubiye mu ibaruwa Perezida wa Mauritania yandikiye Perezida Kagame

IBIKURIKIRA URUP.1

Ubwo butumwa bwari bukubiyemo imbamutima za Perezida wa Mauritania ku bw'umubano uzira amakemwa ukomeje gutera imbere hagati y'ibihugu byombi ndetse n'imbaraga zikomeje gushyirwa mu kurushaho kuwagura no guhuza ibikorwa by'inyungu ibihugu byombi bihuriyeho.

Perezida Kagame na we yohereje intashyo Perezida wa Mauritania n'abaturage b'icyo gihugu muri rusange, abifuriza uburumbuke n'iterambere.


Perezida Kagame yaherukaga muri Mauritania mu Nama Nyafurika yiga ku burezi, urubyiruko no guhanga imirimo, yabereye i Nouakchott hagati y'itariki ya 9 na 11 Ukuboza 2024.

Muri Gashyantare 2022, na bwo Perezida Kagame yari yagiriye uruzinduko muri Mauritania aho yakiriwe na Perezida Mohamed Ould Cheikh El Ghazouani.

Icyo gihe Abakuru b'Ibihugu bombi bayoboye isinywa ry'amasezerano y'ubufatanye mu nzego zitandukanye, yashyizweho umukono hagati ya ba Minisitiri b'Ububanyi n'Amahanga n'Ubutwererane b'Ibihugu bombi.

Mu masezerano yasinywe harimo ubufatanye mu by'ingendo zo mu kirere yemerera RwandAir gukorera ingendo muri iki gihugu, ikajya ijyana ikanakura abagenzi muri Mauritania nta nkomyi.

Impande zombi kandi zemeranyije guteza imbere ubutwererane mu bya politiki, ubukungu, imibereho, umuco, ubumenyi n'ikoranabuhanga.



Ibaruwa yari ikubiyemo imbamutima za Perezida wa Mauritania ku bw'umubano mwiza urangwa hagati y'ibihugu byombi

# Leta yasabye amadini kwamagana inyigisho z'ubuyobe himikwa Musenyeri

IBIKURIKIRA URUP.1

ubwo yagezaga ijambo ku bitabiriye umuhango wo kwimika Rev. Kabayiza Louis Pasteur, nka Musenyeri mushya w'Itorero Angilikani mu Rwanda (EAR) Diyosezi ya Shyogwe.

Abaturage bo mu Karere ka Muhanga by'umwihariko ababarizwa muri iyo Diyosezi bashyigikiye ubwo butumwa bwa Leta bahamya ko abayobora abantu mu kwemera Imana bakwiye no kubigisha gukora, aho kubayobora bunebwe.

Uwitwa Uwamahoro Jeannine yagize ati: "Jyewe icyo nasaba abayobozi muri rusange mu kwemera Imana ni ugufasha abantu gukora bakiteza imbere noneho bakabona kubigisha ijambo ry'Imana kuko no muri Bibiliya ngira ngo handitse ko roho nzima itura mu mubiri muzima."



Rev. Kabayiza Louis Pasteur umaze imyaka 25 ari mwarimu yagizwe Musenyeri wa Diosezi ya EAR ya Shyogwe

Umwepiscopi mushya wa EAR Diyosezi ya Shyogwe Rever Kabayiza Louis Pasteur, na we ahamya ko inshingano ahawe zimusaba kuyobora ku Mana abaturage bateye imbere.

Ati: "Ni byo roho nzima itura mu mubiri muzima. Rero nanjye ni byo ngiye kwitaho cyane cyane mu bikorwa biteza imbere abaturage birimo uburezi ubuzima kwita no kubatishoboye".

Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu Dr. Mugenzi Patrice, avuga ko abayobora amadini n'amatorero bakwiye gufasha Leta kwamagana abigisha inyigisho z'ubuyobe.

Ati: "Abayobora amadini n'amatorero nimufashe Leta kwamagana inyigisho z'ubuyobe zitangwa na bamwe mu bayobozi b'amatorero usanga babuza abakiristu kwivuza, gufata indangamuntu, gutanga ubwisungane mu kwivuza, bababuza kutarya imyumbati n'ibindi, kuko usanga ziyobya abaturage bigatuma badatera imbere."

Rev. Kabayiza Louis Pasteur, watorewe kuba Umwepiscopi wa EAR Diyosezi ya Shyogwe, ubusanzwe yari Pasiteri wayoboraga Paruwasi ya Butantsinda muri EAR Diyosezi ya Shyogwe, aho asanzwe akora n'umurimo wo kwigisha amazemo imyaka irenga 25.

# Tshisekedi yageze mu ijuru? Guhura na Perezida Kagame byakuruye impaka

NTAWITONDA Jean Claude

***Kubona ifoto ya Perezida wa Repubulika y'u Rwanda Paul Kagame yicaye imbonankubone na Perezida wa Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo (RDC) Felix Antoine Tshisekedi Tshilombo, byakuruye impaka ku mbuga nkoranyambaga aho byagoye benshi kumva ko atari ibihuha kugeza babibonye ku mbuga z'Umukuru w'Igihugu.***



**Haribazwa niba Perezida wa RDC Tshisekedi yageze mu ijuru kuko yavuze ko atazahurira na Perezida Paul Kagame mu Isi**

Impamvu abenshi banze kubyemera ni uko mu mitwe yabo bari bagikaraga amagambo ya Perezida Tshisekedi nk'ayavuzwe uyu munsi, aho yigeze kwivugira ashize amanga ati: "Nzahurira na Kagame mu ijuru si hano ku Isi…"

Amakuru akimara gutangazwa n'inzego z'ubuyobozi ndetse n'itangazamakuru rya Leta ya Qatar, abenshi banze guhita babyemera kugeza ubwo biboneye ku mbuga zemewe za Perezidansi y'u Rwanda hatangajweho amakuru y'urwo ruzinduko rwagizwe ubwiru bukomeye mbere y'uko ruba ku mpande zombi.

Umwe mu bakoresha imbuga nkoranyambaya yagize ati: "Dore ijuru Perezident Tshisekedi ahuriyemo na Perezida Kagame! Ururimi ni inyama yigenga koko…"

Mugenzi we na we ati: "Abatazi mu ijuru ni i Doha muri Qatar, nari nanze kubyemera gusa sinzi niba hari icyo bizatanga Umukongomani n'Umubiligi abo bose ni bamwe."

Ibi biganiro by'Abakuru b'ibihugu bombi byatumiwe ndetse binayoborwa n'Umukuru w'Igihugu cya Qatar (Emir) Sheikh Tamim bin Hamad Al Thani bibera mu Ngoro ya Perezida yitwa Lusail Palace mu Mujyi wa Doha.

Ni inama yashashe inzobe ku kibazo cy'umutekano muke mu Burasirazuba bwa RDC cyagukira no mu Karere kose k'Ibiyaga Bigari, kigashegesha u Rwanda by'umwihariko.

Abakuru b'Ibihugu bose uko ari batatu, bagarutse ku gushyigikira bivuye inyuma ibiganiro by'amahoro biyobowe n'Umuryango w'Afurika y'Iburasirazuba (EAC) ndetse m'Umuryango w'Ubukungu w'Ibihugu by'Afurika y'Amajyepfo (SADC).

Bavuze ko ibyo biganiro bishyigikiwe n'Imiryango yombi byahurije hamwe ibya Luanda n'ibya Nairobi, ari byo musingi wo kugera ku mahoro arambye mu Karere.

Abo bayobozi kandi bagarutse ku kuba hakenewe gukemura burundu ikibazo cya FDLR, nk'umutwe w'iterabwoba washinzwe n'abasize bahekuye u Rwanda muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, bakomeje kubiba ingengabitekerezo ya Jenoside muri RDC no guhungabanya umutekano w'u Rwanda.

Bagaragaje kandi ko u Rwanda rukeneye guhamirizwa ko umutekano warwo utazongera guhungabanywa na FDLR kuri ubu yivanze n'ingabo za FARDC mu rugamba zihanganyemo n'inyeshyamba z'Abanyekongo za M23.

Bavuze ko uretse n'u Rwanda, Akarere kose gakeneye guhamirizwa ko nta mitwe yitwaje intwaro ihanganye n'ibindi bihugu by'Akarere ibarizwa muri iki gihugu kigaragaramo imitwe yitwaje intwaro isaga 130.

Ku rundi ruhande, Abakuru b'Ibihugu byombi bunguranye ibitekerezo ku kuba hakenewe ibiganiro bitaziguye hagati ya Guverinoma ya RDC n'umutwe wa AFC/M23 nk'urufunguzo rwo gukemura burundu umuzi w'amakimbirane arangwa mu Burasirazuba bwa RDC.

Perezida Kagame yagaragaje icyizere afitiye kuba impande zose zakorana, ashimangira ko ibintu bishobora kwihuta n'amahoro akagerwaho vuba.

Yashimiye inshuti akaba n'umuvandimwe Sheikh Tamim bin Hamad Al Thani ukomeje gushyigikira ibiganiro byubaka n'ibisubizo bifatika bigamije kugera ku mahoro arambye muri RDC no mu Karere.

Sheikh Thamim bin Hamad Al Thani, yashimiye Perezida Kagame na Thisekedi bahuye mu mwuka wa kivandimwe, akaba yizera ko ibiganiro bitaziguye kandi bisasa inzobe, bizakomeza mu guharanira ahazaza hatekanye h'Akarere k'Ibiyaga Bigari.

Yagize ati: "Qatar yongeye kwemeza ko ibiganiro ari bwo buryo rukumbi buboneye bwo gukemura amakimbirane hagati y'ibihugu no kurushaho kwimakaza amahoro n'umutekano."

# Kaminuza z'Afurika mu guhindura ibyigishwa bidahura n'isoko ry'umurimo

KAMALIZA Agnes

***Abahagarariye kaminuza za Afurika, abafatanyabikorwa bazo n'abandi bafite aho bahuriye n'uburezi, bagaragaje ko bagifite imbogamizi z'ibyigishwa mu mashuri akenshi bidahura n'ibikenewe ku isoko ry'umurimo.***

Imibare igagaragaza ko hejuru ya 19% by'abasoza amasomo bakaba abashomeri bahungira ku yindi migabane bajya gushakayo amahirwe.

Mu nama y'iminsi itatu yateraniye i Kigali, ihurije hamwe abahagarariye kaminuza za Afurika, abafatanyabikorwa mu burezi, imiryango itari iya Leta n'abandi, hagarutswe ku bibazo byugarije uburezi bw'Afurika n'amahirwe agomba kubyazwa umusaruro.

Minisitiri w'Uburezi w'u Rwanda Nsengimana Joseph, yagaragaje ko iterambere ry'ahazaza h'Afurika rishingiye ku bufatanye bw'umugabane mu burezi, kuko bufite imbaraga mu guhindura byinshi hatezwa imbere ubukungu hanahangwa n'udushya mu ikoranabuhanga.

Yavuze ko umugabane wa Afurika wugarijwe n'ubushomeri bwiganje mu bana barangije kaminuza bitewe n'uko ibyo bize bidahura n'ibiri ku isoko ry'umurimo.

Yagize ati: "Afurika yugarijwe n'ubushomeri n'icyuho mu bitangwa mu ishuri bidahuye n'ibikenewe ku isoko ry'umurimo. Ibi bigomba gukemuka za kaminuza zigakorana bya hafi n'inganda kugira ngo hubakwe uburyo mu ihangwa ry'udushya."

Yongeyeho ati: "Ese ni gute twahuza ubukungu n'ibikenewe? Ese ubumenyi dufite buhura n'ubukenewe ku isoko ry'umurimo? Ni gute twahuza imbaraga zo mu burezi n'udushya dukenewe ku isoko ry'umurimo ibi ni ibibazo tugomba gushakira ibisubizo."

Prof. Angela Owusu Ansah, Mwarimu muri Kaminuza ya Ashesi muri Ghana, yagaragaje ko bikiri ikibazo kuko abanyeshuri barangiza za kaminuza bitezweho umusaruro n'ibihugu byabo ahubwo bagahungira ku yindi migabane kubera ubushomeri.

Ati: "Kaminuza zigomba kwigisha abanyeshuri guterwa ishema no kuguma iwabo kuko nibatahaguma ngo baharanire iterambere ry'iwabo ntanumwe uzabibakorera. Gusa turacyabangamiwe nuko dushaka gukora byinshi kandi dufite ubushobozi buke nubwo tutazahora duhanze amaso inkunga."

Dr. Philip Cotton, Umuyobozi wungirije muri Kaminuza Mpuzamahanga yigisha Ubuvuzi (University of Global Health Equity/UGHE) avuga ko abantu bakeneye guhindura imyumvire n'imikorere.

Yagize ati: "Ese ni gute twakora tukubaka za kaminuza zacu kuko ikidushishikaje ni ugusigira abana umurage. Dukeneye abantu bafite ubumenyi tukubakira abakiri bato ubumenyi bukenewe ku isoko ry'umurimo, tugahindura imyumvire abantu bakizera ko uburezi bwahindura byose."

Iyi nama yateguwe na 'Times Higher Education' (THE) 14 iri kurebera hamwe uburyo bwo guteza imbere imikoranire ku mugabane hagamijwe guteza imbere uburezi ku mugabane hubakwa iterambere rirambye.







**UNICEF yiyemeje gukomeza ubufatanye ku bagizweho ingaruka n'ibiza**

## Miliyari 2 Frw zashowe mu kugoboka abagizweho ingaruka n'ibiza

KAMALIZA Agnes

***Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye ryita ku Bana mu Rwanda, (UNICEF Rwanda) na Guverinoma y'u Buyapani biyemeje kongera ubufatanye bashyira agera kuri miliyari 2 z'amafaranga y'u Rwanda, muri gahunda zigamije gufasha abagizweho ingaruka n'ibiza no guhangana n'indwara z'ibyorezo zikunze kwibasira cyane abatuye mu Turere dukora ku mipaka y'u Rwanda.***

Ubwo bufatanye bwashimangiwe kuri uyu wa 17 Werurwe 2025, na Ambasaderi w'u Buyapani mu Rwanda, Isao Fukushima, na Lieke Van de Wiel uhagarariye UNICEF mu Rwanda, aho icyo gihugu cyongeye mu kigega miliyari 2 z'amafaranga y'u Rwanda.

Uretse ubufatanye mu guhangana n'indwara z'ibyorezo zirimo ubushita bw'inkende n'izindi, bazafatanya no kwita ku isuku n'isukura, guhangana n'imirire mibi mu bana, guhangana n'ingaruka z'imihindagurikire y'ibihe no kongerera imbaraga urwego rw'ubuzima.

Uwo mushinga witezweho kuzungukira abantu barenga 300.000 bo mu Turere dutandatu two ku mupaka w'u Rwanda dukunze kugarizwa n'ibyorezo n'ibiza turimo Nyamasheke, Rutsiro, Rusizi Rubavu, Nyabihu na Ngororero.

Ambasaderi w'u Buyapani mu Rwanda Isao Fukushima, yavuze ko bashyize imbere kurengera umutekano w'abantu kugira ngo barindwe hitabwa ku gaciro kabo.

Yagize ati: "Umutekano w'abantu ni wo u Buyapani bushyize imbere mu iterambere n'ubufatanye himakazwa ko abantu barindwa, bakabaho nta bwoba bwo kubura ubuzima kuko ari ab'agaciro. Hamwe na UNICEF, abantu bagizweho ingaruka bazafashwa barusheho kubaho mu cyubahiro bagomba."

Umuyobozi wa UNICEF mu Rwanda Lieke Van de Wiel, yashimiye Guverinoma y'u Buyapani kubw'ubufatanye buzatuma ubuzima bw'abantu burengerwa binyuze mu guhangana n'imyuzure, isuku n'isukura n'ibindi bibugarije.

Yagize ati: "Ibi bazatuma ubuzima bw'ibanze bugaruka duhangana n'imirire mibi tunashyigikira isuku n'isukura, impanuka ziterwa n'ibiza ndetse n'indwara z'ibyorezo."

Ubufatanye hagati ya UNICEF, u Buyapani na Guverinoma y'u Rwanda bumaze imyaka irenga 10 aho bafatanyiriza hamwe kubakira umuturage ubushobozi butuma abona iby'ibanze akeneye.

# Umusaruro mbumbe w'u Rwanda wazamutseho 8,9% mu 2024

NYIRANEZA Judith

***Ikigo cy'Igihugu cy'Ibarurishamibare cyatangaje ko mu mwaka wa 2024, umusaruro mbumbe w'u Rwanda wazamutse ugera kuri miliyari 18,785 Frw uvuye kuri miliyari 16,626 Frw mu mwaka wa 2023.***

Ibi bikubiye muri Raporo uru rwego rwashyize hanze kuri uyu wa Gatatu tariki ya 19 Werurwe 2025.

Muri iyi Raporo Serivisi zagizemo uruhare ku kigero cya 48%, urwego rw'ubuhinzi rwagize uruhare rwa 25% by'umusaruro mbumbe wose, inganda 21%.

Mu buhinzi ubukungu bwiyongereyeho 5%, inganda ziyongereyeho 10%, serivisi ziyongeraho 10%.

Ibyiciro by'ubukungu byagize uruhare mu musaruro mbumbe birimo Ubuhinzi, inganda, serivisi n'imisoro.

**Mu Buhinzi**

GDP yiyongereyeho 9.7% mu gihembwe cya mbere, 9.8% mu gihembwe cya kabiri, 8.1% mu gihembwe cya gatatu na 8% mu gihembwe cya kane.

Muri rusange imikorere y'ubuhinzi yari 5%. Mu buhinzi, umusaruro wiyongereyeho 5% kubera umusaruro mwiza wabonetse mu bihembwe bya A na B.

Mu buhinzi, umusaruro wiyongereyeho 5% kubera umusaruro mwiza wabonetse mu bihembwe bya A na B.

Umusaruro wiyongereyeho 8% mu gihe igihembwe cya B cyiyongereyeho 2%. Kohereza ibicuruzwa hanze umusaruro w'ibihingwa wagabanutseho 1%.

**Inganda**

Muri rusange, inganda ubukungu bwiyongereyeho 10%.

Mu nganda, ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro na kariyeri byariyongereye bigera kuri 12%, ibikorwa by'ubwubatsi byiyongereyeho 12%, mu gihe umusaruro w'inganda 7 ku ijana.

Iterambere mu nganda ryiyongera kuri 20% mu gukora ibyuma

ibicuruzwa, imashini n'ibikoresho, hiyongeraho 15% mu gukora ibicuruzwa bitari ibyuma amabuye y'agaciro na 15% mu gukora imiti, n'ibicuruzwa bya plastiki, bizamuka ku 10% mu gukora imyenda, n'ibikomoka ku mpu no hiyongeraho 2% gutunganya ibiryo.

**Serivisi**

Ubwiyongere rusange bw'urwego rwa serivisi bwari 10%.

Muri serivisi kugurisha byiyongereyeho 18%; ibikorwa byo gutwara abantu byiyongereyeho 9%. Mu zindi serivisi, amahoteli na resitora byiyongereyeho 11%, amakuru na serivisi zitumanaho byiyongereyeho 25% serivisi z'imari ziyongereyeho7%,serivisiz'ubuyobozi bwa Leta ziyongereyeho 10%, serivisi z'uburezi ziyongereyeho 5%, serivisi z'ubuzima ziyongeraho 15%.

Kohereza ibicuruzwa na serivisi byiyongereyeho 16 ku ijana; gutumiza mu mahanga ibicuruzwa na serivisi yiyongereyeho 11% mu gihe ishoramari rusange ryagabanutseho 16%.

Umusaruro mbumbe w'Igihugu (GDP) kuri buri muntu mu 2024,mu madolari ya Amerika yageze kuri 1.029 avuye ku 1.054 mu 2023.

Umusaruro mbumbe w'u Rwanda wazamutseho 8,2% mu 2023 mu gihe mu 2024 wazamutseho 8,9%.



**Umusaruro mbumbe w'u Rwanda wazamutseho 8,9% mu 2024**

# Ibigo bitanga serivisi z'amacumbi bizajya byishyura 3% ku cyumba

**NYIRANEZA Judith**

*Inteko Rusange y'Inteko Ishinga Amategeko, Umutwe w'Abadepite yemeje ishingiro ry'umushinga w'itegeko rishyiraho umusoro w'ubukerarugendo ku icumbi.*

Ni nyuma y'uko Minisiteri y'Imari n'Igenamigambi yari mu Nteko Ishinga Amategeko, yatangaje ko ibigo byose bitanga serivisi z'amacumbi, ni ukuvuga kuva kuri hoteli kugeza ku macumbi aciriritse, bigiye kujya bitanga umusoro w'ubukerarugendo ku icumbi ungana na 3% by'ayishyurwa icyumba.

Uyu musoro uzajya utangwa buri kwezi uri mu mushinga w'itegeko ryashyikirijwe kandi ryemezwa n'Abadepite kuri uyu wa 19 Werurwe 2025.

Ni umushinga wateguwe muri gahunda yo kuvugurura imisoro mu rwego rwo gushyira mu bikorwa icyerekezo 2050 no gushyira mu bikorwa ingamba z'igihe giciriritse zo kwishakamo ubushobozi mu gushimangira gahunda ya NST2.

Umunyamabanga wa Leta ushinzwe imari ya Leta muri Minisiteri y'Imari n'Igenamigambi / MINECOFIN, Godfrey Kabera yavuze ko amacumbi mu byiciro bitandukanye bazajya bishyura 3% ku cyumba gikodeshwa.

Yagize ati: "Ba nyir'amacumbi, ari hoteli, ari Airbnb, ahari ibyumba birarwamo, bikodeshwa bazajya bishyura 3% yishyurwa n'umuguzi wa nyuma ajye mu Kigo cy'Imisoro n'Amahoro."

Yakomeje asobanura ko ibirimo gukorwa bijyanye n'icyerekezo 2050.

Ati: "Nk'ubungubu twagaragaje ko uruhare rw'imisoro ubungubu ruri kuri 14,6% mu bukungu, ibihugu biteye imbere, aho twifuza kugera mu myaka iri imbere bijyanye n'icyerekezo cyacu 2050.

Mu mwaka wa 2035 tugomba kuba nibura tugeze kuri 22% w'uruhare rw'umusoro mu iterambere, tukagera no kuri 34% muri 2050 ibyo byose bivuze ko tugomba kunoza uburyo twishakamo ubushobozi ariko nanone bitabangamiye ubuzima bwa buri munsi bw'abaturage."

Yongeyeho ati: "Twanitaye ku buryo umuturage agombva kubaho, ku buryo tutazaboina ibiciro bizamuka kandi bitari ngombwa, twabyizeho tubina ko izi ngamba zose ziteraniye hamwe zose ntabwo bizagira ingaruka ku muturage zatuma ibiciro by'ibiribwa bizamuka ku buryo bukabije."

Akomeza avuga ko ibiciro bizazamuka ariko ayo 3% atari menshi ku buryo byagora abakenera iyo serivisi.

Bimwe mu bikubiye muri uyu mushinga ni uko muri gahunda ya Guverinoma yo kwihutisha iterambere icyiciro cya kabiri (NST2), harimo intego yo kugeza u Rwanda ku rwego rw'Isi, ku bijyanye n'ubukerarugendo bushingiye ku bidukikije ndetse no gukuba kabiri amafaranga ava mu bikorwa by'ubukerarugendo akava kuri miliyoni 620 akagera kuri miliyari 1,1 z'amadolari ya Amerika. Kuri ubu, ubukerarugendo ni kimwe mu byitabirwa cyane ku Isi, kandi u Rwanda rukaba rufite ibiciro byiza ugereranije n'ahandi.

Urebye uko isoko rihagaze ubu, amahiganwa yo gutegura amateraniro no kwakira abashyitsi mu biruhuko, bizashingira ahanini kuri serivisi nziza, umutekano, n'ibindi byiza ba mukerarugendo babona mu Rwanda aho gushingira ku biciro cyangwa ikindi kigize serivisi zitangwa muri urwo rwego.

Umushinga w'itegeko rishyiraho umusoro w'ubukerarugendo ku macumbi ugamije gufasha ishyirwa mu bikorwa ry'ingamba z'igihe giciriritse zo kwishakamo ubushobozi, mu gushimangira gahunda ya NST2.

Ibigo byose bitanga icumbi byiyandikishije ku musoro w'ubukerarugendo harimo amahoteLi, za 'motels', za 'apartments', za 'logdes', hamwe na za Airbnb bisabwa kwiyandikisha no kwishyura umusoro w'ubukerarugendo buri kwezi nk'uko umusoro ku nyongeragaciro wishyurwa.

Igipimo cy'umusoro w'ubukerarugendo ku icumbi ni 3% by'amafaranga yishyuwe cyangwa azishyurwa ku icumbi hatabariwemo umusoro ku nyongeragaciro (Ingingo ya 3).


Ibigo byose bitanga icumbi bifite inshingano yo kwiyandikisha ku musoro w'ubukerarugendo ku icumbi mu buyobozi bw'imisoro hakurikijwe uburyo bugenwa n'ubuyobozi bw'imisoro.

Ikigo gitanga icumbi cyishyuza umusoro w'ubukerarugendo ku icumbi kikawushyikiriza ubuyobozi bw'imisoro nyuma y'ukwezi.

Ikigo gitanga icumbi kishyura umusoro w'ubukerarugendo ku icumbi cyamenyekanishije mu minsi 15 ikurikira buri kwezi kwakorewe imenyekanisha.

Muri uwo mushinga hanagarutswe ku musoro w'ibinyabiziga.

Mu mpinduka ziri muri uyu mushinga zirimo ko n'amahoro acibwa ibinyabiziga ku mwaka, aho imodoka nto (voiture) na Jeep zisorerwa 50 000 Frw; Pick-up, Minibus na bisi zitangirwa 100 000 Frw; ikamyo ni 120 000 Frw, rukururana nto ni 120 000 Frw mu gihe rukururana nini ari 150 000 Frw.



**Abakora ubucuruzi bw'amacumbi bazajya bishyura 3% by'ayishyurwa icyumba**





Imvaho Nshya
Soma Usobanukirwe Buri Munsi

## Ijambo ry'Ibanze

### *Inyigisho z'ubuyobe mu madini zakoreka u Rwanda*

Mu bihugu bitandukanye abayobozi b'amadini basaba abayoboke babo kwiyicisha inzara abenshi bakahasiga ubuzima bizeye 'gusanga Imana', iyicarubozo ryitirirwa kwirukana abadayimoni, kubambura bitwaje Imana n'ibindi by'urukozasoni bigoye gutwerera Imana.

Iyo ibikorwa nk'ibyo bikorwa, ubona ababikora bameze nk'abatandukanye no gushyira mu gaciro ari na byo bituma hari bamwe banga Imana bavuga ko badashobora kwifatanya n'iyobokamana iryo ari ryo ryose kuko ribambura uburenganzira bwo guhitamo ibikwiriye.

Ubushakashatsi bwakozwe na Kaminuza ya Oxford ku bufatanye n'iya Coventry mu Bwongereza, bwagaragaje ko abantu biyegurira amadini baba bafite ibyago byo gutakaza ubushobozi bwo kuyungurura amakuru no gushyira mu gaciro.

Inkuru zivugwa ahandi zishobora gufatwa nk'izitatureba, ariko no mu Rwanda hagiye hatangazwa iz'abantu bamara iminsi bibabariza aho bita mu butayu hashyira ubuzima bwabo mu kaga.

Hari n'abavuzweho kwanga kurya ibyo kurya runaka babyita 'ubusambanyi', abagiye batekerwa imitwe bagacuzwa utwabo bazi ko barimo kugarurira Imana ibyayo, n'ibindi.

Ibyo bibazo n'ibindi bishyira ubuzima bw'umuturage mu kaga byatumye Leta ihaguruka ishyiraho itegeko n'amabwiriza bigenga imiryango ishingiye ku myemerere n'ahabereye gusegerwa.

Ibyo byatumye insengero ibihumbi n'ibihumbi n'ahandi henshi hasengerwa mu buryo butemewe hafungwa kugeza n'uyu munsi.

Imyemerere itayobowe neza igira ingaruka ku mibereho y'abaturage n'iterambere ry'Igihugu, kuko uko abaturage batakaza ubushobozi bwo gushyira mu gaciro ni ko bafata ibyemezo bipfuye bibadindiza bikanoreka Igihugu mu icuraburindi ry'ubukene, amakimbirane n'ibindi.

Imyemerere ishobora kwifashishwa mu kuyobora abaturage ku kwigomeka kuri gahunda za Leta zateguriwe kunoza imibereho yabo. Byagiye bigaragara ubwo hatangwaga ikarita ndandamuntu y'ikoranabuhanga, igihe cyo gukingira indwara zinyuranye, hatangwa ubwisungane mu kwivuza n'izindi gahunda

Uretse kwigomeka bisanzwe, hari aho amadini yifashishwa mu kuyobora abantu mu bikorwa by'iterabwoba bumva ko kwiturikirizaho ibisasu, guhohotera abantu cyangwa kubica urubozo bibafasha kwegera ibihembo biruta ibindi bitangwa n'Imana.

None se kuba amadini n'imyemerere bishobora guteza akaga kangana gatyo bivuze ko ntacyo bimaze? Amadini ayobowe mu nzira nziza afasha rubanda komorana ibikomere, kubana neza no guharanira kugera ku byiza bafatanyije, bimakaza urukundo n'ubuvandimwe.

Mu kwirinda ko amadini n'imyemerere byaba intandaro y'ikibi, birakwiye ko abantu bumva ko ari bo bafite inshingano zo kubiyobora aho kugira ngo bibayobore, kuko umudendezo wo guhitamo ari ryo shingiro ry'uwo umuntu ari we kandi ibyo ahitamo bigena iherezo rye.

U Rwanda rukeneye abaturage batekereza bagahitamo neza, bima amayira ikintu cyose cyatuma batakaza ubushobozi bwo gukoresha neza wa mudendezo wo guhitamo wo shingiro ry'impagarike n'ubugingo by'umuntu Imana yaremeye gutegeka Isi n'ibiyirimo byose.

# U Rwanda rwacanye umubano n'u Bubiligi

**KAYITARE Jean Paul**

***Guverinoma y'u Rwanda yatangaje ko yacanye umubano n'igihugu cy'u Bubiligi mu birebana na dipolomasi. Ni ubutumwa Minisiteri y'Ububanyi n'Amahanga n'Ubutwererane yahaye abadipolomate b'u Bubiligi amasaha 48 yo kuba bavuye ku butaka bw'u Rwanda.***

U Bubiligi bwakomeje kwangiza u Rwanda, haba mbere ndetse no mu gihe cy'amakimbirane akomeje kubera muri Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo (DRC), aho u Bubiligi bufite uruhare runini mu mateka kandi mu kurwanya u Rwanda.

Itangazo rya Guverinoma y'u Rwanda rigaragaza ko u Bubiligi bwagize uruhare mu makimbirane yo mu Karere kandi bukomeje ubukangurambaga muri gahunda yo kurwanya u Rwanda mu mahuriro atandukanye, hakoreshejwe ibinyoma no gukoresha abantu mu rwego rwo guhungabanya umutekano w'u Rwanda n'Akarere.

Hejuru y'ibyo, u Bubiligi bwagize uruhare mu gusenya amateka byagejeje k'ubuhezanguni bushingiye ku moko, ivangura n'itoteza bigeza kuri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

U Bubiligi bwagiye bushyigikira imitwe yitwaje intwaro hagamijwe gukwirakwiza ingengabitekerezo ya Jenoside ndetse no kuyikomeza.

Guverinoma y'u Rwanda yagize iti: "Icyemezo kigaragaza ubushake bw'u Rwanda mu kurengera inyungu z'igihugu cyacu n'icyubahiro cy'Abanyarwanda, ndetse no kubahiriza amahame y'ubusugire, amahoro, n'ubwubahane."

Ikomeza igira iti: "Abadipolomate bose b'Ababiligi mu Rwanda basabwa kuva mu gihugu mu masaha 48. Mu rwego rwo kubahiriza Amasezerano y'i Vienne, u Rwanda ruzarinda inzu, imitungo ndetse n'ububiko bw'ubutumwa bwa dipolomasi bw'Ababiligi i Kigali."

Guverinoma y'u Rwanda itangaje ibi mu gihe Perezida wa Repubulika Paul Kagame ku munsi w'ejo yabwiye abatuye Umujyi wa Kigali ko ikibazo u Rwanda rwagize ari ugukolonizwa n'u Bubiligi bukarucamo ibice kugira ngo rungane nabwo.

Yagize ati "Ubwo ni u Bubiligi mvuga kandi ndaza kubwihanangiriza, u Bubiligi bwishe u Rwanda bukica n'Abanyarwanda mu mateka. Aya yose arenze mu myaka 30 gusa, bukaba butugarukaho abasigaye bukabica. Twarabihanangirije kuva kera, turaza kubihanangiriza n'ubu."

Ni ibintu Perezida Kagame yavuze ko byahereye kera, mbere y'intambara irimo guhanganisha Leta ya RDC na M23, ubwo u Bubiligi bwangaga Ambasaderi u Rwanda rwoherejeyo ngo aruhagararire muri icyo gihugu, bavuga ko ashobora kuba atarakoreye neza RDC.

Ati: "Bakongera mu kanya bati ntabwo tubemerera ko mugira mutya, ariko tukababaza tuti ariko muba ba nde? Mwadushinzwe na nde? Abanyarwanda ko mwemera Imana, koko yashinze u Rwanda aba bantu mureba? Turaza kubibutsa neza ko atari ko bimeze. Mu buryo bwacu butari bwinshi cyane, turaza guhangana na bo."

Yungamo ati "Ndavuga abo birirwa batwiruka inyuma, badukoronga, ariko twebwe byatunanira? Aba batunanira? Hari ibintu byacu bimwe baza kugomba kwigomwa bakaduha amahoro.

Ndabivuga mbateguza ariko nteguza namwe Abanyarwanda, ngo iyi myaka yose tumaze kuri uru rugamba rwacu, turashaka kuba Abanyarwanda, ntabwo dushaka kuba Ababiligi. Abanyarwanda bitarajyamo ko dukwiriye kuba Abanyarwanda, tudakwiriye kuba aba bandi badukolonije, ni ukubyiyuhagira bakatuvaho."

Umukuru w'Igihugu yabwiye Abanyarwanda ko bari mu nzira yo kuba bo, kuko badakwiye kuba abandi, bakabana n'abantu, bagahana amahoro, bagakora ibyo bagomba gukora bibateza imbere, bakaba ari byo bashyira imbere bashyize hamwe, bagakorera Igihugu cyabo.

Guverinoma y'u Bubiligi yabuze ayo icira n'ayo imira nyuma yo kumenyeshwa ko u Rwanda rutagikeneye umubano mu bya Dipolomasi n'iki gihugu gishinjwa kuba nyirabayazana w'amateka yijimye yagejeje kuri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

Minisitiri w'Intebe wungirije akaba na Minisitiri w'Ububanyi n'Amahanga w'u Bubiligi Prevaut Maxime, yavuze ko bababajwe n'umwanzuro w'u Rwanda wo guhagarika umubano no guhambiriza abadipolomate.

Maxime Prevaut yavuze ko icyo kidashyira mu gaciro kandi ko kigaragaza ko iyo u Bubiligi butumvikanye n'u Rwanda ruhitamo kutajya mu biganiro.

Yakomeje agira ati: "U Bubiligi na bwo burafata imyanzuro nk'iyo gutumiza uhagarariye inyungu z'u Rwanda mu Bubiligi, guhambiriza Abadipolomate b'u Rwanda no guhagarika amasezerano y'ubutwererane."

Umuyobozi w'Urwego rw'Igihugu rw'Imiyoborere (RGB) Doris Uwicyeza Picard, yasubije Prevaut amumenyesha ko impamvu u Bubiligi bubona icyemezo cy'u Rwanda nk'ikidafututse ari uko gihabanye n'ubunyamaswa bwabo n'ubunyamusozi bagaragaje guhera mu kinyejana cya 19.

Ati: "Ese guhungabanya umutekano w'Igihugu, kugenda ugisabira ibihano ni byo wita kutagira ibyo mutumvikanaho?"

**ZIGAMA Theoneste**

# Abasenateri bashyigikiye u Rwanda rwahagaritse umubano n'u Bubiligi

***Abagize Sena y'u Rwanda batangaje ko bashyigikiye icyemezo cya Leta y'u Rwanda cyo gucana umubano n'Igihugu cy'u Bubiligi, bavuga ko n'ubusanzwe bwakomeje guharabika u Rwanda nkana bwirengagije ibibazo bwaruteye kuva kera.***

Leta y'u Rwanda yatangaje ko kuva ku itariki 17 Werurwe, yahagaritse umubano ushingiye kuri dipolomasi n'u Bubiligi, isaba abadipolomate bose b'Ababiligi kuva mu Rwanda mu gihe kitarenze amasaha 48, inahita ifunga ambasade y'u Rwanda mu Bubiligi ndetse isaba abadipolomate bayo bari i Buruseli kugaruka i Kigali.

Iki cyemezo gikurikiye icy'u Rwanda rwari rwafashe cy'ihagarikwa ry'ubufatanye mu iterambere hagati y'u Rwanda n'u Bubiligi, nyuma y'ibihe by'ukwibasirwa gukomeye kwakozwe n'iki gihugu cyo ku mugabane w'u Burayi kigamije guharabika u Rwanda, ku bivugwa mu ntambara yo mu Burasirazuba bwa Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo (RDC), aho ingabo za Leta zihanganye n'umutwe wa M23.

Abasenateri muri Sena y'u Rwanda bagaragarije itangazamakuru ko bashyigikiye icyemezo Leta y'u Rwanda yafashe, bavuga ko imyitwarire y'u Bubiligi ku kibazo cya RDC ndetse n'ukuntu bwashatse gushyira u Rwanda mu kato byatumye nta yandi mahitamo abaho uretse guhagarika umubano.

Senateri Jean Pierre Dusingizemungu yanenze u Bubiligi ku bwo gushyigikira RDC mu gihe bwakiriye bunacumbikira abakoze Jenoside yakorewe Abatutsi, ndetse n'abayobozi b'umutwe w'iterabwoba wa FDLR.

Yavuze ko kuva na kera u Bubiligi bwakolonije u Rwanda, bukomeza kwivanga mu miyoborere yarwo.

Yagize ati: "Nta gihombo u Rwanda rufite mu gucana umubano n'u Bubiligi, uretse kubona ubwisanzure bwo kudategekwa n'uwahoze atwita nk'abagaragu be, kandi ugikomeje kudusaba gukurikiza ibyo ashaka."

Senateri Prof. Dusingizemungu yashimangiye ko icyubahiro n'ubusugire bw'u Rwanda bikwiye gushyirwa imbere kurusha inyungu za dipolomasi n'ubukungu.

Ati: "Niba u Bubiligi bushaka gukomeza umubano na Rwanda, bugomba kwemera ubusugire bw'u Rwanda, bwemere uruhare rwabwo mu bibazo biriho, buhagarike gusaba ibihano ku Rwanda bugamije gufasha Congo, kandi buhagarike gufasha FDLR itera umutekano muke mu Rwanda. Kubungabunga ubusugire bw'igihugu ni ingenzi kurusha inyungu z'ubukungu."

Senateri Kanziza Epiphanie na we yashimangiye ko u Rwanda ari igihugu cyigenga, cyakwihangana kigakoresha umutungo wacyo aho kwemera guhatirwa gukurikiza ibyo ibihugu bya gikoloni bishaka.

Yagize ati: "U Rwanda ni igihugu cyigenga, nk'uko u Bubiligi na bwo bumeze. Niba bashyigikira Congo, ni ibyabo ntibitureba. Bakwiye kwemera ko u Rwanda rwigenga kandi bagahagarika gushyigikira imitwe iturwanya."

Hon Kanziza yongeyeho ko icyerekezo cy'u Rwanda ari igihugu cyunze ubumwe kidashingiye ku macakubiri, aho kubana mu mahoro ari inkinga ya mwamba.

Senateri Alex Mugisha yavuze ko amateka yagaragaje ko u Rwanda rutagomba kwishingikiriza u Bubiligi mu bijyanye n'umutekano cyangwa ubufatanye mu bukungu.

Yagarutse ku mateka y'ubukoloni bw'u Bubiligi, uruhare bwagize mu miyoborere mibi, ndetse n'uruhare rwabwo mu mateka yagejeje kuri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

Yibukije kandi ko u Bubiligi bwakolonije u Rwanda, RDC n'u Burundi, bwakomeje kugira uruhare mu bibazo byabaye muri aka Karere mu myaka irenga ijana ishize.

Senateri Mugisha ati: "U Bubiligi bwagaragaje kuva kera ko umubano wabwo n'u Rwanda utari uwo gufatanya nyabyo, ndetse na mbere y'ibibazo bya vuba aha muri Congo. Banze kwakira ambasaderi w'u Rwanda babitewe n'impamvu zidafututse, bavuga ko atabanye neza na Congo. Ibi byatumye benshi bibaza uruhare rw'u Bubiligi mu kibazo cya Congo."

Yongeyeho ko imyitwarire y'u Bubiligi igaragaza ko bugifata u Rwanda nk'igihugu cyayoborwa uko bushaka.

Ati: "U Bubiligi bugomba kwemera ko u Rwanda ari igihugu cyigenga, gifite ubuyobozi bwacyo, Itegeko Nshinga ryacyo n'ubwigenge bwacyo. Kwitega ko u Rwanda ruzakomeza gukurikiza ibyo bashaka ni imitekerereze y'ubukoloni idakwiye kugenderwaho muri iki gihe."

Senateri Bideri John-Bonds yavuze ko u Bubiligi bwagize uruhare mu gucumbagira kw'iterambere n'umutekano w'u Rwanda binyuze mu gufasha RDC mu bikorwa bigamije guhungabanya u Rwanda.

Yagize ati: "Byari bimaze kugaragara ko RDC yiteguraga kugaba igitero ku Rwanda, mu maso y'u Bubiligi n'abambari babwo. U Bubiligi, nk'igihugu cyagize uruhare mu mateka y'aka Karere, cyari gikwiye kuguma mu mwanya wo kuba umuhuza. Ahubwo bahisemo gushyigikira Congo kugira ngo barengere inyungu zabo bwite."

Senateri Bideri yavuze ko u Bubiligi bushobora gukomeza gukorana na RDC mu nyungu zabwo, ariko butagomba gukomeza kwivanga mu miyoborere y'u Rwanda.

Yagize ati: "Bafite uburenganzira bwo gukomeza ibikorwa byabo muri Congo, ariko ntibakwiye kugira uruhare mu guhungabanya u Rwanda. Ikibabaje ni uko bahisemo gukurikira Congo uko yakabaye, bigatuma umubano n'u Rwanda udashoboka muri iki gihe."

Yashimangiye ko u Rwanda rudafunze umuryango ku mubano w'igihe kizaza n'u Bubiligi, ariko bikazashingira ku bwubahane busesuye.

Mu kiganiro yagiranye n'abaturage b'Umujyi wa Kigali ku Cyumweru, tariki ya 16 Werurwe, Perezida wa Repubulika Paul Kagame, yanenze bikomeye amateka y'urwango rw'u Bubiligi ku Rwanda yahereye kuva kera na n'ubu.

Ati: "Bishe Abanyarwanda imyaka 30 ishize none bifuza kugirira nabi abarokotse. Twababwiye kera, kandi turongera tubitabwire."

Muri Gahyantare 2025 ni bwo u Rwanda rwasheshe amasezerano y'imikoranire n'u Bubiligi mu mishinga y'iterambere yari ifite agaciro ka miliyoni 95 z'Amayero [asaga miliyari 140 Frw] kuva mu 2024-2029, aho ayari asigaye gukoreshwa ari agera kuri miliyoni 80 z'Amayero [asaga miliyari 118 Frw].



Abasenateri bashyigikiye ko u Rwanda ruca umubano n'u Bubiligi





# Nta muntu wagize inyungu muri Jenoside yakorewe Abatutsi – RIB

**KAYITARE Jean Paul**

***Urwego rw'Ubugenzacyaha, RIB, rutangaza ko nta muntu n'umwe wigeze agirira inyungu muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, yahitanye abasaga miliyoni mu minsi 100 gusa.***

RIB ivuga ko mu gihe cyo kwibuka, Imibare y'abahakana n'abapfobya Jenoside yakorewe Abatutsi yiyongera kandi ko impungenge zihari, ari uko ingengabitekerezo ya Jenoside irimo kugaragara no mu bana bato.

Urwego rw'Ubugenzacyaha rutangaje ibi mu gihe habura iminsi itageze kuri 20 ngo u Rwanda rwibuke ku nshuro ya 31 Jenoside yakorewe Abatutsi.

Byagarutsweho na Jean Claude Ntirenganya, umukozi mu ishami rishinzwe gukumira ibyaha n'ubushakashatsi muri RIB, ku mugoroba wo ku wa Mbere tariki 17 Werurwe 2025 mu kiganiro yahaye abaturage bo mu Murenge wa Jali mu Karere ka Gasabo mu Mujyi wa Kigali.

Ni muri gahunda yiswe 'Serivisi za RIB mu baturage' ku nsanganyamatsiko igira iti: 'Uruhare rwa buri wese mu gukumira ibyaha by'ihohoterwa rishingiye ku gitsina, ubujura, ibyifashisha ikoranabuhanga n'ibindi byiganje.'

Ntirenganya avuga ko ibyaha by'ingengabitekerezo ya Jenoside yakorewe Abatutsi, no mu bana batoya uyisangamo kandi yarakozwe bataravuka.

Yagize ati: "Ikibazo gikomeye nuko n'uyu munsi turimo kubibona mu bana batoya."

Akomeza agira ati: "Nta muntu n'umwe wagize inyungu muri Jenoside yakorewe Abatutsi muri iki gihugu, niyo mpamvu nta munyarwanda wagombye kwigisha inyigisho nk'izo ngizo zidusubiza aho twavuye."



Jean Claude Ntirenganya, umukozi mu ishami rishinzwe gukumira ibyaha n'ubushakashatsi muri RIB

RIB iburira buri munyarwanda kwirinda ingengabitekerezo ya Jenoside n'ibyaha bifitanye isano kuko ngo uwo izagaragaraho wese, azashyirwa mu ishuri akwiye kujyamo.

Ntirenganya yagize ati: "Kwibasira abarokotse Jenoside, kumubwira amagambo amukomeretsa, kumwononera amatungo, abatera amabuye hejuru y'inzu ye, twisabire uwo muntu aduhe amahoro.

Uwo muntu ntabwo ari uwacu tuzamushakira irindi shuri ajya kwigamo, na we ni umunyarwanda tugize amahirwe yahinduka."

Mukasekuru Joselyne wo mu Murenge wa Jali avuga ko Ababyeyi bakwiye kwigisha abana babo ibiteza imbere igihugu aho kubigisha ingengabitekerezo ya Jenoside.

Ati: "Bagomba kuvugurura, bakigisha abana igihe tugezemo kubera ko kiriya gihe twaciyemo ni kibi cyane kandi twese byaraduhungabanyije."

Asaba ko umubyeyi wagaragarwaho ingengabitekerezo kimwe n'abayitoza abana babo ko bahanwa n'amategeko.

Mukandori Agnes utuye mu Mudugudu wa Byimana mu Kagari ka Nyabuliba mu Murenge wa Jali, yabwiye Imvaho Nshya ko kwigisha abana ingengabitekerezo ya Jenoside atari byiza.

Yagize ati: "Gutoza abana ingengabitekerezo ya Jenoside ntabwo ari byiza, byarabaye nibareke twiyunge, abantu babe bamwe."

Ahamya ko umwana ugaragaweho ingengabitekerezo ya Jenoside nta handi aba yarayikuye atari ku babyeyi babo.

Ati: "Ese ubwo yaba ayikura hehe? Nta handi yaba abikura, abikura ku babyeyi. Umwana ntazi Jenoside ahubwo agahora ashyigikiye kwicana, kwica si byiza kandi umubyeyi na we ubikora ntabwo ari mwiza."

Rurangwa Innocent, Umukuru w'Umudugudu wa Rubona mu Kagari ka Nyabuliba, avuga ko ababyeyi batoza ingengabitekerezo ya Jenoside ari umuco utari mwiza.

Ashimangira ko iyi migirire ibangamira gahunda z'ubumwe n'ubwiyunge akagaragaza ko guhembera ingengabitekerezo ya Jenoside atari byiza.

Itegeko rihana ibyaha by'ingengabitekerezo ya Jenoside n'ibifitanye isano; ibyaha by'ivangura n'ibyo gukurura amacakubiri, ni ibyaha amategeko yateganyije mu rwego rwo gukumira ingengabitekerezo n'ibindi byaha bifitanye isano.

Icyaha cy'ingengabitekerezo ya Jenoside n'ibifitanye isano, igihanishwa igihano gito ni igihanishwa imyaka 5 y'igifungo.

Mu myaka itandatu ishize abantu 3 179 bakurikiranyweho ibyaha by'ingengabitekerezo ya Jenoside n'ibyaha bifitanye isano.

Mu mwaka wa 2019 hakurikiranywe amadosiye y'abakekwaho ibyaha by'ingengabitekerezo ya Jenoside 402, mu 2021 haza dosiye 378, naho mu 2023 ziba 475, ari na wo mubare munini muri iyi myaka, mu gihe umwaka ushize wa 2024 hari dosiye 461.

Imibare igaragaza ko icyaha cyo guhohotera uwacitse ku icumu cyakurikiranywe mu madosiye 1 308 bingana na 53,9% mu gihe icyaha cy'ingengabitekerezo ya Jenoside kiri kuri 20,7%.

Ibyaha by'ingengabitekerezo ya Jenoside bigaragara cyane muri Mata ugereranyije n'andi mezi, kuko amadosiye 941 angana na 41,6% yose yakurikiranywe muri uko kwezi.

Abagaragayeho ibi byaha biganje mu rubyiruko cyane kuko abafite imyaka 14-16 bagize 16,4% mu gihe abafite imyaka 31-40 ari 26,6%.

Abafite imyaka 41-50 bangana na 22% na ho abafite imyaka 51-60 bagera kuri 17,6%.

Abakuze bo guhera ku myaka 60 kuzamura bo bagize 17,4%.

Ibyaha by'ingengabitekerezo ya Jenoside bigaragara cyane mu Ntara y'Amajyepfo ku ijanisha rya 32%, iy'Iburasirazuba bigaragara ku ijanisha rya 27,3% mu gihe iy'Iburengerazuba bigaragarayo ku rugero rwa 16,4% na ho mu Mujyi wa Kigali biri kuri 17%, mu Majyaruguru bikaba kuri 7,2%.

Inteko Ishinga Amategeko y'u Rwanda iherutse gutangaza ko Uturere twegereye imipaka ari two turangwamo ibikorwa biganisha ku ngengabitekerezo ya Jenoside kuko 11 mu two yasuye twagaragayemo ibi byaha mu mezi make ashize ari uduhana imbibi n'ibindi bihugu.

# Kigali: Uko nahuriweho n'abatekamutwe 7, umwe bikarangira dukundanye

KAMALIZA Agnes

***Hari mu gitondo maze kunywa icyayi, maze gukenyera umwenda wo kwihanaguza (Assuie Main) ngo njye koga nitegura kujya ku kazi, nabonye nomero ya telefoni ntazi impamagaye mbanza gutinda kuyifata kuko numvaga ari buntinze kandi amasaha yo kugera ku kazi yari yegereje.***

Sinari nzi ko uwari ku rundi ruhande rw'itumanaho ari umutekamutwe wari ugiye gutangirana umunsi akazi gashya ntari nageneye amasaha yo kugakora.

Mwitaba yarambwiye ati: "Umwana wawe wari ku ishuri akoze impanuka ari ku ishuri agakomereka bikomeye mu mutwe kuko yafashe kuri moto yendaga guhaguruka..."

Ako kanya yahise antwara ahandi hantu, cyane ko nta mwana mfite uri ku ishuri ariko ntekereza ko wenda yaba yibeshye nomero.

Nyuma y'ibiganiro na we, mu kandi kanya byahindutse isibaniro ryo kwitaba telefoni zimbwira ibibazo bitandukanye kuri simukadi yanjye nko kuba yayoberejweho amafaranga n'ibindi.

Nyuma y'ibiganiro birebire na bo no gusaba amafaranga nkabarindagiza, baratukanye cyane ariko nyuma bisanga mu mutego n'umunyenga w'urukundo, batangira kwivamo bamena amabanga y'akazi ndetse basaba imikoranire yo kunoza ubutekamutwe.

Uwahamagaraga yavugaga ko ari Umuyobozi w'iryo shuri, amusaba amafaranga 500 yo kugura interineti ngo afotore impapuro yoherereze Akarere, na we azimuhe ndetse abone uko yakirwa n'ibitaro.

Yatangiye abaza imyirondoro y'uwo mwana, iya nyina n'iya Se, ariko kuko nari namutahuye namubwiye ko njye tuvugana nitwa Doroteya ari jye nyina w'umwana.

Namubajije uko umwana ameze, umutekamutwe ati: "Ari ku bitaro bikuru aho musanzwe mwivuriza kandi ameze nabi cyane gusa turi kumuvuza."

Namubajije ibyo bitaro bikuru biramuyobera akavuga ko ari ibitaro by'Akarere, gusa ambwira ko hari moto yari izanye ibitabo mu kigo umwana akayirukaho akayifata bikarangira agushije umutwe hasi akuba n'akaboko.

Yambwiye ko ari kumwe na muganga ari we uri kwita ku mwana kandi ko ari we uri bumpe amakuru arambuye y'uko umwana ameze.

Uwo muganga yambwiye ko ngomba kwishyura amafaranga y'ifishi ku muganga witwa Eric Nizeyimana.

Namubwiye ko ntazi uko bishyura na we ambwira kode nandika nkohereza kuri nimero 0722954169.

Nabashyiriyeho amafaranga 500 ariko bongera kumbwira ko umwana yangiritse cyane ngomba gutanga amafaranga 18.800 akanyuzwa muri sikaneri, mubwira ko na yo ngiye kuyashyiraho ariko nkomeje kumubaza ibitaro ari ho ambwira ko bari ku bitaro bikuru kuri irijanse (urgence).

Yahise ambwira ko agiye kumpa kode ya kontabure witwa Zabuloni kuko kode y'ibitaro yagize ikibazo.

Umutekamutwe ati: " Ubu ari ku bitaro bya Kanombe ishyura ibihumbi 18 uyashyire kuri kode 1606 235."

Yakomeje kumbwira ko ari kwitabwaho n'undi muganga witwa Michel kandi bose bari gufatanya kwita ku mwana bityo ngomba kubumvira.

Nakomeje kwigira nk'umuntu



wataye umutwe ari ko na bo bampatira kwishyura mvuga nti: "Muganga we ndabingize mumfashirize umwana...."

Mukanya nk'ako guhumbya undi mutekamutwe w'umugore witwa Jeanne Marie Rose, ufite nimero 0726592973, yahise yohereza ubutumwa bugufi bugaragaza ko anyoherereje amafaranga ibihumbi 65, ahita ampamagara ambwira ko anyoberejeho amafaranga yibeshye ko bibaye byiza nayamusubiza.

Yagize ati: "Nibeshye nomero nkoherereza ibihumbi 65 bivuye kuri Mutabazi Alexis none nagusabaga ko uyansubiza."

Uwo akimara gukupa, indi nomero ya 0729245678 yahise impamagara yigize umukozi wa sosiye ya MTN Rwanda, agira ati: "Tubahaye ikaze ku murongo wa MTN Rwanda, wiriwe neza? Njye nitwa Christian twagusabaga ko usubiza amafaranga y'uyakuyoberejeho mu gihe utabikora tugafunga simukadi yawe."

Yakomeje kumbaza Akarere mperereyemo ankangisha ko agiye gufunga simukadi yanjye cyangwa bakamfunga.

Mu biganiro birebire twagiranye nakomeje kumurindagiza bituma arakara ariko nyuma ambaza niba hari andi mafaranga nari mfite kuri simukadi yanjye mbere y'uko banyoberezaho amafaranga ndetse nkumvikana n'uwayayobeje tukayagabana.

Narabyemeye ambwira kode nkanda nkemeza kugira ngo nsubize ayo mafaranga.

Wa muganga yakomeje kumpamagariramo mpita nkupa uwo wa MTN ahita antonganya ambwira ngo umwana wanjye napfa birandeba.

Yahise ambwira ko ngomba kongera kwishyura andi mafaranga ibihumbi 28 ngo byo kugura 'banderede' yo guhambira umwana mu mutwe.

Yahise ambwira ko ngomba kwishyura ku yindi kode ya 993596 y'undi kontabure witwa 'Elise', mubwira ko ayo nsigaranye atuzuye uwo mubare ariko ambwira ko nakwishyura asigaye nyuma naza kugera ku bitaro mfite ubwisungane mu kwivuza nkabarisha nkaba nagira ayo nsubizwa.

Nyuma yo gutegereza amafaranga bagaheba abo biyitaga abaganga bongeye kumpamagara barakaye cyane barantuka bambwira izindi kode nkanda nkishyura.

Umwe yungikanya n'undi bagize bati: "Kora ibyo turi kukubwira ugabanye ubugoryi... (atukana ibitutsi bikomeye) ... kuva mu gitondo wiriwe ubeshya abantu ngo wishyuye wa..., wishyuye he?"

Mu kajwi gatuje nahise mubwira nti: "Wintuka cheri... erega nanjye dukora akazi kamwe 'chuchu bae' ahubwo tuza tuganire turebe ko twabona ay'uyu munsi."

Nagerageje gutuma atuza, aracururuka mubwira ko twakorana kandi akazi k'ubutekamutwe tukakanoza ndetse tukakabonamo amafaranga menshi.

Nti: "Ibi twabikora nk'akazi ahubwo reka nkwereke uko bikorwa; dukeneye imibereho."

Ati: "Ngaho mbwira".

**Uko yatangiye kumenera amabanga y'akazi tugakundana**

Natangiye kumubaza aho atuye ambwira ko aba mu Karere ka Karongi, i Rubengera, ambwira ko abandi bampamagaye bigize abakozi ba MTN, ari abatekamutwe ngomba kubareka ahubwo tugakorana twenyine.

Yagize ati: "Nari nagize ubwoba nzi ko bariya batekamutwe bakwibye, none na we basanze ubarenze! Bareke dukorane twenyine ni bwo akazi kacu kazagenda neza."

Twumvikanye ibintu byinshi birimo no kuzamusura iwabo i Karongi tukumvina uburyo bwo gukorana kandi tukibera inshuti z'igihe kirekire.

Nyuma y'ibyo biganiro bya mugitondo mu masaha ya nimugoroba twatangiye kuvugana koko nk'abantu bakundana twitana amazina y'urukundo arimo; cherie na chouchou, ndetse anyizeza ko anyohererereza ibihumbi 2, mu gitondo ariko urukundo rwacu rwarangiriye aho!





# U Rwanda rwashimiye M23 yaretse Walikale na FARDC yemeye guhagarika intambara

NTAWITONDA Jean Claude

***Guverinoma y'u Rwanda yatangaje ko yanyuzwe no kubona itangazo ry'umutwe wa AFC/M23 uhamya ko wavuye muri Teritwari ya Walikale mu gushyigikira agahenge n'ibiganiro byo guharanira amahoro arambye mu Burasirazuba bwa Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo (RDC) bikomeje.***

Nannone kandi Leta y'u Rwanda yishimiye itangazwa ry'icyemezo cya Guverinoma ya Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo cyo guhagarika ibikorwa bya gisirikare by'Ingabo za Leta (FARDC) n'iby'umutwe witwaje intwaro wa Wazalendo.

Itangazo ryashyizwe hanze n'Ibiro by'Umuvugizi wa Guverinoma y'u Rwanda riragira riti: "U Rwanda ntiruzatezuka ku gukorana n'impande zose mu kubahiriza ibyo ziyemeje, by'umwihariko ibirebana na gahunda ihuriweho yashyizweho n'Imiryango ya EAC na SADC n'izindi gahunda zikemura mu buryo burambye ikibazo cy'umutekano mu Burasirazuba bwa Congo."

Ku wa Gatandatu tariki ya 22 Werurwe 2025, ni bwo ubuyobozi bwa AFC/M23 bwatangaje ko icyemezo cyo gukura ingabo i Walikale kigamije gushyigikira gahunda z'amahoro zimakaza ibiganiro bya Politiki byo guharanira amahoro no gukemura umuzi w'ibibazo by'umutekano muke mu Burasirazuba bwa RDC.

Umujyi wa Walikale wari wafashwe ku wa Gatatu tariki ya 19 Werurwe, uherereye mu bilometero bigera ku 130 ari nako kari kure uturutse mu



**Caption ni Umutwe wa AFCM23 wavuye muri Teritwari ya Walikale mu gushyigikira agahenge n'ibiganiro byo guharanira amahoro mu Burasirazuba bwa RDC**

Mujyi wa Goma.

Bivugwa ko iyi Teritwari yari icyicaro gikomeye cy'umutwe w'iterabwoba wa FDLR washinzwe n'abasize bahekuye u Rwanda muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, bakaba ari na bo bagize ipfundo ry'inkubirabe ku bibazo by'umutekano muke mu Karere.

Guverinoma ya RDC yamaze kwinjiza abarwanyi ba FDLR mu ngabo za FARDC, yakomeje gutesha agaciro ubukana bw'ingengabitekerezo ya Jenoside yakwirakwijwe n'uwo mutwe umaze kugaba ibitero bisaga 20 ku Rwanda.

Ingengabitekerezo ya Jenoside yinjijwe muri RDC yabaye intandaro yo kwirukana mu byabo abaturage bo mu bwoko bw'Abatutsi ibihumbi amagana, barimo abasaga 100.000 bahungiye mu Rwanda mu myaka isaga 25 ishize.

Umutwe wa AFC/M23 washibutse muri iyo miryango yahungiye mu bihugu bitandukanye bavukijwe uburenganzira ku gihugu cyabo.

Uyu munsi M23 ikomeje kwaguka no kongera imbaraga nyuma yo kwifatanya n'umutwe wa AFC mu mpera z'umwaka wa 2023.

Nyuma yo gufata imijyi ikomeye ari yo Goma na Bukavu, hari n'ibihumbi by'abasirikare n'abapolisi ba Leta biyunze kuri uyu mutwe ukomeje no kunguka urubyiruko rwinshi rufite inyota yo guhindura imiyoborere mibi irubuza amahirwe y'iterambere mu gihugu gikungahaye ku mitungo kamere.

# Umubano w'u Rwanda n'u Bubiligi wari ukubeshyanya- Mukuralinda

KAMALIZA Agnes

***Umuvugizi wa Guverinoma y'u Rwanda Alain B. Mukuralinda, yashimangiye ko umubano w'u Rwanda n'u Bubiligi wahagaritswe nyuma y'uko bigaragaye ko ntacyo wari ukimaze kubera uburyo icyo gihugu cyacaga ruhinganyuma kikajya kurukomatanyiriza mu bihugu n'imiryango mpuzamahanga.***

Yabigarutseho asobanura mu buryo burambuye impamvu u Rwanda rwahisemo gufata icyo cyemezo cyatunguye Leta y'u Bubiligi bucyifitemo imyumvire ya gikoloni imaze igihe kirenga ikinyejana.

Mu kiganiro yagiranye na RBA, Mukuralinda yagize ati: "Ese wavuga yuko ukomeje kugirana umubano n'Igihugu runaka, ukajya kubwira ibindi byose, indi miryango yose, ibindi bigo by'imari byose uti nimubahane? Uwo mubano waba usobanutse? Bivuze ko byari ukuba ari ukubeshyana.

Yakomeje avuga ko u Bubiligi bwagize uruhare mu mateka mabi u Rwanda rwanyuzemo yarugejeje kuri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, ariko bukaba butanaterwa ipfunwe na byo ngo bube bwagerageza gukosora amateka y'ahahise.

"[...] aho wakaje gufasha abantu, wahisemo uruhande rumwe. Umaze no guhitamo uruhande rumwe ntunavuze uti wenda reka ndushyigikire ibyo ruvuga, wongeraho n'akarusho uti njye no kubakomatanyiriza."

Kuri icyo cyemezo, Mukuralinda avuga ko Ambasade zo mu bihugu byombi zifunga, ibyangombwa biri muri Ambasade ibihugu byombi bikaba bifite inshingano



**Umuvugizi wungirije wa Guverinoma Alain Mukuralinda**

zo kubirinda nk'uko biteganywa mu masezerano mpuzamahanga ibihugu byombi bashyizeho umukono.

Abinyujije ku rukuta rwe rwa 'X' kuri uyu wa 17 Werurwe, Minisitiri w'Intebe wungirije akaba na Minisitiri w'Ububanyi n'Amahanga w'u Bubiligi, Maxime Prevot, yavuze ko babajwe no kuba u Rwanda rwafashe uwo mwanzuro ndetse rugaha amasaha 48 Abadipolomate babwo ngo babe bavuye ku butaka bw'u Rwanda kandi ko bagiye gushyira mu bikorwa ibiteganywa n'amasezerano mpuzamahanga.

Yagize ati: "U Bubiligi bubabajwe n'icyemezo cy'u Rwanda cyo guhagarika umubano n'u Bubiligi no gutangaza ko abadipolomate b'Ababigi batagikenewe. Ibi byerekana ko iyo tutumvikana n'u Rwanda rutemera ibiganiro. U Bubiligi na bwo buzafata izo ngamba buhambirize Abadipolomate b'u Rwanda bunahagarike amasezerano y'ubufatanye."

U Bubiligi bwatangaje ibi nyuma y'amasaha make Guverinoma y'u Rwanda itangaje ko icanye umubano nabwo mu diplomasi.

Itangazo rya Guverinoma y'u Rwanda rigaragaza ko u Bubiligi bwagize uruhare mu makimbirane yo mu Karere kandi bukomeje ubukangurambaga muri gahunda yo kurwanya u Rwanda mu mahuriro atandukanye, hakoreshejwe ibinyoma n'abantu mu rwego rwo guhungabanya umutekano w'u Rwanda n'Akarere.

U Rwanda rwavuze ko rutazemera guterwa ubwoba, cyangwa ibikangisho mu gihe umutekano w'Igihugu ubangamiwe.

# Gucukuka kw’amenyo biri mu burwayi bwo mu kanwa buri ku isonga

**KAMALIZA Agnes**

***Ubushakashatsi bw’Ikigo cy’Igihugu cyita ku Buzima, RBC bwo mu 2024, bugaragaza ko 33% bujuje imyaka y’ubukure batoza mu kanwa.***

Uburwayi bwo mu kanwa buri ku mwanya wa 5 mu burwayi 20 buri mu bwivuzwa cyane ku bitaro.

Bugaragaza ko abatuye mu bice by’ibyaro abatoza mu kanwa bari ku kigero cya 38% mu gihe mu mujyi ari 11.2%.

Kutoza amenyo ni yo ntandaro y’indwara zo mu kanwa. RBC ivuga ko umuntu yagombye koza mu kanwa nibura inshuro ebyiri ku munsi kuko kutayoza bishobora gutera izindi ndwara zitandura.

Irene Bagahirwa, Umukozi wa RBC mu ishami rishinzwe kurwanya indwara zitandura harimo n’izo ubuzima bwo mu kanwa.

Asaba abantu kubahiriza ibihe by’ingenzi byo koza amenyo mu gitondo nyuma yo gufata amafunguro na nijoro bagiye kuryama, kuko izo mikorobe akenshi zicukura amenyo mu masaha y’ijoro.

Ati: “Uburwayi buza ku isonga ni uburwayi bw’ishinya, kubabara, ibisebe, gucukuka amenyo. Umuntu yagombye koza mu kanwa akimara gufata ifunguro rya mugitondo ndetse ntanaryame atogeje mu kanwa kuko mikorobe zicukura amenyo zikora cyane nijoro ku buryo byangiza amashinya.”

Yongeyeho ati: “Iyo umuntu yivuje yamaze kurengerana igihugu n’umuryango bitakaza imbaraga mu gihe yagombaga gufatirana kuko isuku yo mu kanwa ni ho ruzingiye.”



**Gucukuka kw'amenyo biri mu burwayi bwo mu kanwa buri ku isonga**

Yagaragaje ko uburwayi bwo mu kanwa bugira ingaruka ku buzima bwo mu mutwe, kandi bufitanye isano n’izindi ndwara zitandura zirimo diayete, ndetse umugore utwite akaba yabyara umwana udashyitse.

Dr. Bizimana Achille, Umuyobozi w’ishyirahamwe ry’abaganga b’indwara zo mu kanwa n’amenyo ashimangira ko indwara zo mu kanwa zakwirindwa.

Ati: “Indwara zo mu kanwa zishobora kwirindwa kuko icy’ingenzi ni ukugira isuku ukoza amenyo nibura inshuro 2, kwirinda ibyo kurya bifite isukari nyinshi, kandi abantu bakivuriza ku gihe.”

Mu Rwanda abantu 57% ntibajya basura muganga w’amenyo nibura inshuro 1 ku mwaka mu gihe biteganijwe ko uburyo bwiza bwo kurinda izo ndwara yasurwa inshuro 2 ku mwaka.

Ubushakashatsi bwa 2018 bwagaragaje ko hafi 67% barwaye gucukuka kw’amenyo, naho ku Isi ni miliyari hafi 4.

# Urubyiruko rurugarijwe: Virusi itera SIDA iracyariho nta kwirara

**NYIRANEZA Judith**

***Ikigo cy’Igihugu gishinzwe Ubuzima RBC gitangaza ko Virusi itera SIDA ikiriho, abantu badakwiye kwirara, Kandi ubwandu bushya bwiganje mu rubyiruko ruri hagati y’imyaka 15-29.***

Dr Ikuzo Basile ushinzwe ishami ryo kurwanya SIDA muri RBC yavuze ko nta kwirara kuko VIH/SIDA igihari, abantu basabwa gukaza ingamba zo kwirinda, agaragaza uko imibare ku bwandu bwa Virusi itera Sida mu Rwanda ihagaze.

Yagize ati: “Abo twasanze banduye vuba ni ku myaka 15-29 ni ho higanje abandura, ni rwa rubyiruko.”

Ibipimo byo kuva muri Nyakanga 2023 kugeza muri Kamena 2024, abari bafite hagati y’imyaka 15-19 bigaragaza ko ab’igitsina gore banduye bari kuri 6,5% ab’igitsina gabo bari 1.6%. Hagati y’imyaka 20-24 ab’igitsina gore bari 5,2% ab’igitsina gabo bari 4.5% naho hagati y’imyaka 25-29, ab’igiotsina gore ni 3,5% naho ab’igitsina gabo ni 3,0%.

Dr Ikuzo yakomeje asobanura ko abakobwa bandura cyane, kuko umukobwa afite mugenzi we w’umuhungu ushobora kumushuka, hari abagabo bakuze bashobora kumushuka, hari ibishuko byinshi ugereranyije n’umwana w’umuhungu ndetse n’imiterere yabo, uko umuntu aremye umugore yandura mu buryo bworoshye kurusha umugabo.

**Yagarutse ku miterere ya virusi itera SIDA.**

Yagize ati: “Mu Rwanda; abafite Virusi itera Sida ni 230 000, buri mwaka tugira abantu bagera ku 3 000 bandura Virusi itera, abahitanwa na virusi itera SIDA buri mwaka ni 2 600. Iyo turebye abaturage bari hagati y’imyaka 15-49 muri bo 2,7% bafite virusi itera SIDA kandi uwo mubare ntuhuzwa na bariya 230 000.”

Yongeyeho ati: “Abafite hagati y’imyaka 0 na14, bafite virusi itera SIDA, 80% bari ku miti, aha tuba tugaragaza muri iki gihe ni hehe umuntu ashobora kwandurira virusi itera SIDA? Ni imibonano mpuzabitsina idakingiye, umwana wanduzwa n’umubyeyi amutwite, amubyara cyangwa amwonsa cyangwa abandi bantu bashobora gukoresha ibikoresho bitizewe nk’abitera inshinge bakoresha ibiyobyabwenge.”

Sylvie Muneza umuyobozi w’Urugaga nyarwanda rw’abafite virusi itera SIDA (RRP+) yasabye ko abantu bakipimisha bakamenya neza uko bahagaze kuko VIH/SIDA ikiriho.




Ati: “Virusi itera SIDA iracyariho, buri wese amenye uko ahagaze, hari imiti, iyo uyifashe ubaho neza.”

Umuyobozi mukuru w’umuryango nyarwanda Strive Foundation Rwanda ukorana na Leta mu rwego rw’ubuzima, Bernard Muramira yavuze ko bakorana na RBC muri gahunda y’uko ubwandu bwa virusi itera SIDA bwagabanyuka.

Yagize ati: “Uyu muryango nyarwanda Strive ukorana na Leta mu buzima, dukora ubukangurambaga, dukorana na RBC, twifuza ko ubwandu bugabanyuka cyane ariko urebye iterambere ubona hari ibihindura bisaba no guhindura ingamba zakoreshwaga.”

Yavuze ko bari mu rugamba rw’ubukangurambaga by’umwihariko ku rubyiruko, yitsa ku kuba virusi itera SIDA igihari.

Ati: “SIDA iracyahari, iracyari ikibazo. Hakenewe ubukangurambaga. Urubyiruko rukunze gukoresha imbuga nkoranyambaga, hajye hagaragaraho ubutumwa bwibutsa ko VIH ikiri ikibazo.”

Insanganyamatsiko y’umwaka wa 2024 yagiraga iti ‘Kurandura SIDA ni inshingano yanjye’.





# Gakenke: Haravugwa agasururu ka Mudugudu kangana na 50 000 Frw muri Girinka

**NGABOYABAHIZI Protais**

***Bamwe mu baturage bo mu Karere ka Gakenke mu Murenge wa Muzo, bavuga ko babangamiwe na bamwe mu bayobozi b’Inzego z’ibanze babasaba ruswa bita Agasururu ka Mudugudu kanagana n’amafaranga y’u Rwanda 50 000 kugira ngo babashe guhabwa inka muri gahunda ya Girinka.***

Abo baturage bavuga ko uko bamwe bahabwa inka muri gahunda ya Girinka bidasobanutse kuko ngo bidakorerwa mu ruhame, ahubwo Mudugudu ajya kwivuganira n’uwo yumva yamuha amafaranga bise agasururu ka Mudugudu kangana n’ibihumbi 50.

Uwahawe izina rya Mukamwezi Viviane yagize ati: “Ubu hano kubona inka muri Girinka biba bikomeye kuko udafite agasururu ka Mudugudu kangana n’ibihumbi 50, ubwo uzapfa utabonye inka yo muri iyo gahunda, tekereza ko noneho basigaye bajya no gufata inka z’abituye, niba baba badafite urutonde rw’abituye biratuyobera, ubundi twagiraga amatora tukemeza ugomba inka ariko bujya gucya tukabona umuntu afite inka mu iraro, twifuza ko iyi gahunda yakongera igakorera mu mucyo.”

Umwe mu baturage uherutse kwamburwa inka ye yari yarahawe muri Girinka witwa Mbyinubuhe Florence wo mu Murenge wa Muzo, Akagari ka Kiryamo we avuga ko bamwambuye inka kubera ko yamaze kugurisha iyari yavutse nyuma yo kwitura

Yagize ati: “Hano rwose ruswa muri Girinka iravuza ubuhuha, tekereza ko Mudugudu bampaye inka muri Girinka nkitura, ariko indi yavutse nagiye kuyigurisha ansaba ibihumbi 40, nyamuhaye nyuma aragaruka ambwira ko namuhaye amafaranga make, ahubwo muha ibihumbi 150, kugira ngo na Gitifu w’Akagari n’Umurenge ndete n’abagize komite ya Girinka, narayamwimye aho nari nagurishije inka bajya kuyikurayo none ubu narumiwe kandi narituye.”

Umuyobozi w’Akarere ka Gakenke, Vestine Mukandayisenga we avuga ko nta kimenyetso umuturage yashingiraho avuga ko bamwatse ruswa kugira ngo ahabwe Girinka.

Yagize ati: “Tujya twumva hari bamwe mu baturage binubira ko basabwa ruswa ngo bahabwe inka muri Girinka, ariko twabuze gihamya, gusa niba koko hari bamwe mu bayobozi bishora muri ruswa tugiye kubikurikirana kuko Girinka ni gahunda ya Nyakubahwa Perezida wa Repubulika Paul Kagame ikwiye kugera kuri buri muturage, ikibazo cy’umuturage wambuwe Girinka yarituye na cyo twarakimenye turimo kugicukumbura.”

Gahunda ya Girinka Munyarwanda yatangijwe na Perezida Paul Kagame mu mwaka wa 2006, hagamijwe ko Umunyarwanda yakwiteza imbere mu mibereho myiza.



**Mbyinubuhe avuga ko yimye ruswa Mudugudu bimuviramo kwamburwa inka ye kandi ngo yari yarituye**



**Abanyeshuri b'i Nyange biyemeje guhashya ikibi bagaharanira icyiza**

# Ubutwari: Abanyeshuri bafite intego yo kurwanya ikibi n’iyo bafatirwaho imbunda

**UWIZEYIMANA Aimable**

***Ubwo hizihizwaga umunsi w’intwari z’abana b’i Nyange kuri uyu wa 18 Werurwe 2024, abanyeshuri biga mu kigo cy’amashuri cya Nyange bavuga ko bafite umugambi wo kurwanya ikibi n’iyo baba bafatiweho imbunda.***

Bavuga ko uwo murava bawukomora ku butwari bwaranze intwari z’abana b’i Nyange banze kwitandukanya bagahamya ubumwe kugeza bamwe babizize.

Karabo Vanessa umwe muri abo banyeshuri avuga ko amateka y’ubutwari bw’intwari z’i Nyange bigishwa abaremamo kurwanya ikibi.

Ati: “Jyewe na bagenzi banjye twiga hano dushingiye ku mateka twigishwa yaranze bagenzi bacu bigaga hano babaye intwari bamwe bakahasiga ubuzima barwanya amacakubiri, natwe twabifatiyeho umugambi wo kurwanya ikibi kabone n’iyo badufatiraho imbunda.”

Dufitimana Edison mugenzi we na we avuga ko kwigishwa amateka y’ubutwari bw’intwari z’i Nyange byatumye biremamo umugambi wo kurwanya ikibi.

Ati: “Uburyo twigishijwe amateka y’ubutwari cyane cyane yaranze bagenzi bacu bigaga hano mu kigo cyacu, byaturemyemo imbaraga n’umuhate byo kurwanya ikibi kabone n’iyo haba hari ibidutera ubwoba.”

Umuyobozi w’Urwego rw’Igihugu rushinzwe Intwari Impeta n’ Imidali by’ishimwe Ngarambe Francois Xavier avuga ko ubutwari budakwiye kureberwa gusa mu bikorwa by’intambara no kumena amaraso.

Ati: “Ubutwari ntabwo bukwiye kureberwa gusa ku bikorwa bigomba kumena amaraso, kuko umuntu ashobora no kuba intwari ateza imbere aho atuye yita ku muryango we akawufasha gutera imbere.”

Kwizihiza ubutwari bw’abana b’i Nyange, bikaba bibaye ku nshuro ya 28, intwari z’abana b’i Nyange zikaba ari 47 aho ziri mu cyiciro cy’Imena aho kuri ubu abakiriho bagera kuri 39, mu gihe 8 bo batakiriho bitabye Imana.

**Intwari z’abanyeshuri b’i Nyange ni izihe?**

Abanyeshuri bagizwe intwari ni abari mu cyigo cy’i Nyange mu ijoro ryo ku wa 18 Werurwe 1997 mu ishuri ry’uwa gatandatu n’uwa gatanu igihe abacengezi bateraga icyo kigo, ari abapfuye ari n’abatarapfuye iryo joro ndetse n’abakiriho.

Mu mwaka wa 1997 ubwo mu Rwanda hari umutekano muke, abacengezi bateye Ishuri ryisumbuye rya Nyange mu Karere ka Ngororero, binjira mu mwaka wa 5 n’uwa 6.

Babasabye kwitandukanya, abanyeshuri baranga bababwira ko bose ari Abanyarwanda.

Abo banyeshuri b’i Nyange baharaniye ku mugaragaro amahame y’ubumwe bw’Abanyarwanda kugeza aho bamwe babizira babizi, bemera guhara ubuzima bwabo aho kwivangura.

# Nyamasheke: Ukekwaho gukora Jenoside mu Bisesero yavumbuwe nyuma y'imyaka 30 yihishahisha

**BAHUWIYONGERA Sylvestre**

***Kabera Jean Marie Vianney w'imyaka 46 ukekwaho kugira uruhare muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 mu misozi yo mu Bisesero, yavumbuwe mu Karere ka Nyamasheke aho yari amaze imyaka 30 yihishahisha ubutabera yarahinduye amazina.***

Kabera wari wariyise "Uwimana Vianney" wabaga i Nyamasheke akora akazi k'ubupagasi, yariyoberanyije kugeza aho yavuze ko akuka mu Karere ka Rubavu kandi ku ivuko rye ari mu Bisesero nkuko bishimangirwa n'abamuzi aho akomoka.

Mu pera z'icyumweru gishize ni bwo afatiwe mu Mudugudu wa Gisebeya, Akagari ka Gisoke, Umurenge wa Mahembe mu Karere ka Nyamasheke, aho yari amaze imyaka 2 ahihishahisha.

Amakuru avuga ko avuka mu Murenge wa Mubuga, Akarere ka Karongi, mu gihe we yafi afite indi myirondoro igaragaza ko avuka mu Mudugudu wa Kirongi, Akagari ka Kamurara, Umurenge wa Rubavu mu Karere ka Rubavu.

Umukuru w'Umudugudu wa Gisebeya Kanyamugenga Jean Claude, avuga ko uyu mugabo wari ucumbitse muri uyu Mudugudu akora akazi k'ubupagasi, yabanaga n'umugore n'abana bane.

Yafashwe biturutse ku iherekanya ry'amakuru yaturutse ku baturage bamubonaga bakabona bamuzi mu Karere ka Karongi, bakibaza niba ari we bikabayobera kuko amazina yavugwaga ko ari aye bumvaga atari yo.

Ati: "Narebye mu gitabo cyandikwamo abinjiye muri uyu Mudugudu nsanga yarahageze muri Gashyantare 2023, bivuze ko yari ahamaze imyaka 2 yose tuzi ko yitwa Uwimana Vianney wo mu Karere ka Rubavu.

Yabanaga n'umugore n'abana 4 mu nzu idatuwemo, umusaza wayibagamo yimukiye Iburasirazuba, uyu akaba ari umugore wa kabiri babanaga kuko uwa mbere yamusize i Karongi ahunga, uwa kabiri amushakira muri RDC. Ikindi ni uko nta gahunda ya Leta n'imwe yagaragaragamo."

Mudugudu avuga ko ubwo amakuru yerekeye uyu mugabo yatangwaga, yagiye iwe kumureba, amubaza indangamuntu undi amubwira ko ntayo agira, afite gusa icyangombwa cy'impunzi ko ubuyobozi bwamubwiye ko buzayimuha nyuma y'imyaka itanu.

Yafashwe mu ma saa kumi n'imwe n'igice z'igitondo cyo ku wa Gatandatu tariki ya 15 Werurwe, yoherezwa i Karongi aho bikekwa ko yakoreye icyaha.

Avuga ko bibahaye isomo rikomeye ryo gukurikirana n'abandi bose baza ari bashyashya, bajijisha bavuga ko ari ababaji, abatwika amakara, abapagasi n'abandi, biba biboneka ko basa n'abihishahisha ngo barashaka imibereho.

Uwungirije uhagarariye Ibuka mu Murenge wa Mahembe Ndori Charles, yabwiye Imvaho Nshya ko bakiriye neza ifatwa ry'uyu mugabo, asaba ubuyobozi bw'inzego z'ibanze kuba maso kuko hashobora kuba hari abandi bantu nk'abo aho bayobora.

Ati: "Nka Ibuka twabyakiriye neza cyane, kuko birababaje cyane kuba yari amaze imyaka ibiri yose yihishe mu Murenge wacu ataratahurwa. Bigaragara ko hari n'abandi baba bahari bihishahisha, bakora imirimo runaka y'amarenzamunsi bajijisha. Ubuyobozi bukwiye gukaza ingamba zo kubatahura bakaryozwa amaraso y'inzirakarenganye bamennye muri Jenoside yakorewe Abatutsi."

Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge wa Mahembe Uwizeyimana Emmanuel, yavuze ko uyu mugabo agifatwa yashyikirijwe Akarere ka Karongi kugira ngo abazwe ku byaha akekwaho.

Ati: "Ni Umunyakarongi ni yo yamushakishaga, afatirwa iwacu muri Mahembe aho yari amaze imyaka ibiri ahacumbitse. Ni isomo kuri bose bacyiyoberanya bihishahisha, barakoze Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 kuko kiriya ari icyaha kidasaza."



Kabera Jean Marie Vianney akekwaho kugira uruhare muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994

Yavuze ko n'abandi bihishahisha bakwiye kwigaragaza hakiri kare bagasaba imbabazi abo bahemukiye, kuko kwihishahisa mu Rwanda byo bishobora kutazabahira.

# Rutsiro: Inka ya Girinka yamwubakiye inzu, acika ku gusembera

**KWIZERA Jean de Dieu**

***Nyuma y'imyaka ikabakaba itanu gusa, Munyeshyaka Jean Pierre wo mu Mudugudu wa Kanyamatemb , Umurenge wa Kivumu mu Karere ka Rutsiro, yishimira ko inka yahawe imaze kumufasha kwiyubakira inzu abayemo n'umuryango we.***

Iyo nzu ifite agaciro ka miliyoni imwe n'igice yiyubakiye yamukuye mu bwigunge kuko kuri ubu umuryango we ufite aho utaha mu gihe mbere yari abayeho mu buzima bubi.

Mu mwaka wa 2021 ni bwo yahawe iyo nka yamusanze mu buzima bubi burimo no kuba n'isambu yahinganga itareraga kubera kutagira ifumbire.

Muri ubwo buzima yacaga inshuro kugira ngo abone uko atunga umuryango we, ni ho yaboneye inshungu y'inka yaje ikamubera iy'umugisha.

KOMEZA KU RUP.15





# Rutsiro: Inka ya Girinka yamwubakiye inzu, acika ku gusembera

IBIKURIKIRA URUP.14

Mu kiganiro na Imvaho Nshya, yagize ati: "Iyi nka nayihawe muri 2021, mbayeho mu buzima bubi cyane kuko kurya byari ikibazo, aho nahingaga ntabwo heraga kuko hari ahantu hato cyane hatabashaga no kuva amabakure 40 y'ibishyimbo, kuko kubona ifumbire byari ingorabahizi."

Yavuze ko no kurya byagoranaga kandi afite umugore n'umwana umwe. Yagaragaje ko no kugira ngo asane inzu ye, ifite nk'agaciro ka miliyoni imwe n'igice y'amafaranga y'u Rwanda, byari ingorabahizi kugeza abonye iyo nka yita inshungu kuko asa n'uwabaga hanze.

Ati: "Iyi nzu ntabwo wari kubasha kuyigeraho muri icyo gihe. Yari inzu mbi cyane kandi ishaje mu buryo bugaragara rwose. Ubwo ngize amahirwe, abaturage bampitamo bampa inka, itangira kunkura muri ubwo buzima nahereyeho."



Munyeshaka Jean Pierre yishimira ko inka yahawe muri Girinka

Avuga ko aho yakuraga nk'ibilo 30 by'ibishyimbo, ubu ahakura ibilo 100.

Ati: "Iyi nka ya Girinka narayakiriye, nyifata neza nkajya nahira ubwatsi irakura, muri 2023 nditura. Ubwo maze kwitura amafaranga yo mu ifumbire narayakusanyije njya mu itsinda, nza gufatamo amafaranga ntangira kuvugurura iyi nzu ureba yari yarashaje ku buryo ubu ihageza ahaciro ka miliyoni n'igice nubwo ari mu cyaro."

Akomeza agira ati: "Iyo yabyaye, abana banjye babona amata ikindi kandi mfite intego zo kugura umurima wanjye munini niyongera kubyara kuko ubu ihatse iy'amezi 7. Urumva ko rero meze neza kubera Girinka Munyarwanda nahawe na Leta y'Ubumwe yacu."

Buri cyumweru ngo ashobora kubona amafaranga y'u Rwanda 7.000 avuye mu ifumbire agurisha akamufasha kwita ku muryango we no kwishyura ubwishingizi mu kwivuza.

**Inama aha abafata nabi inka za Girinka**

Munyeshyaka anenga abaturage bahabwa inka muri gahunda ya Girinka bakazifata nabi kandi ari inzira nziza yabafasha kwikura mu bukene.

Ati: "Mu by'ukuri icyo nabwira Abanyarwanda bose muri rusange ni uko Girinka ari umutungo wawe, n'impano uba uhawe ngo witeze imbere, ukwiriye kuyifata neza kugira ngo igere no ku bandi na bo biteze imbere."

Yakomeje agira ati: "Nonese niba bayimpaye ngo inteze imbere ivuye kuri mugenzi wanjye, ni ntayifata neza izagera ku wundi? Girinka ni nziza kandi nta gisa nkayo rwose."

Munyeshyaka avuga ko iyo yahawe amaze yanamufashije no kwagura ubuhinzi, kandi ngo ni gake agura amata yo guha abana be kuko iyo ibyaye babona ayo kunywa bagasagurira n'isoko.

Uwizeyimana Emmanuel, Umuyobozi w'Akarere ka Rutsiro Wungirije Ushinzwe Iterambere ry'Ubukungu, avuga ko kugeza ubu mu Karere ka Rutsiro hamaze gutangwa inka zigera ku 19.000 muri Gahunda ya Girinka kuva yatangira, naho izimaze kwiturwa akaba ari inka zigera ku 11.000.

# Kayonza: Rwinkwavu bahangayikishijwe nuko Akagari kose ntahemewe kubakwa

**HITIMANA Servand**

***Abaturage bo mu Kagali ka Gihinga Umurenge wa Rwinkavu mu Karere ka Kayonza bavuga ko bahangayikishijwe no kuba barabujijwe kubaka bagasaba ubuyobozi kubafasha bakabakemurira iki kibazo.***

Abo baturage bavuga ko batunguwe n'icyemezo cyo kubabuza kubaka hirya no hino mu Midugudu bafitemo ibibanza.

Ngo ni amakuru bahawe n'ubuyobozi bubabwira ko ku gishushanyombonera nta hantu muri aka Kagari hagenewe ibikorwa byo kubakwaho.

Ni ikibazo abo baturage bavuga ko kibabangamiye cyane, kuko kugeza ubu ntawushobora kuzamura inyubako ahari hasanzwe hagenewe gutura muri site z'Imidugudu.




Akagali ka Gihinga kose kashyizwe mu hatemerewe guturwa

Rukema Damien yagize ati: "Ibi bintu byaratuyobeye muri aka Kagari twari dusanzwe dutuye mu Midugudu yakaswe na Leta ndetse hari n'abari dufitemo ibibanza twateganyaga kubaka. Twamenyeshejwe ko kubaka bitakemewe ukibaza ukuntu abatuye Akagali bose bazajya kubaka bikabasaba kwimuka.

Hari abavuga ko ngo inaha hagenewe ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro mu gihe atari hose mu Kagali. Dukeneye ko ubuyobozi butubwira niba twese bazatwimura ndetse nuko imitungo yacu tuzayibona."

Iki kibazo kandi ngo gikomereye abari mu gihe cyo gushinga Ingo.

Tuyambaze Deny ati: "Ubu twe twarashobewe. Nari mfite ikibanza mu Mudugudu nahawe n'umubyeyi nagombaga kubakamo nkahashakira. Nabujijwe kubaka ndetse biba ngombwa ko nshakira mu bukode. Kugeza ubu sinzi niba kugira ngo ngire icumbi ryanjye bizansaba kubanza kwimuka inaha. Na n'ubu ntiturasobanukirwa niba aka Kagari kazimurwamo abaturage bose."

Ubuyobozi bw'Umurenge wa Rwinkwavu bwabwiye Imvaho Nshya ko iki kibazo kizwi ababishinzwe bari gukora kugira ngo haboneke igisubizo.

Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge wa Rwinkwavu, Bagirigomwa Jafari yagize ati: "Ni byo ni ikibazo cyabayeho Akagali kose gashyirwa ahantu hatemerewe guturwa ubwo hakorwaga igishushanyo mbonera. Gusa Nk'uko ubuyobozi budukuriye bwabimenyesheje habayemo amakosa ndetse ubu yatangiye gukosorwa, aba baturage bagire uburenganzira bwo kubaka. Twabasaba kwihangana rero tugategereza uko hakosorwa igishushanyombonera hanyuma abaturage bagahabwa ibyangombwa byo kubaka."

Akagali ka Guhinga gatuwe n'abaturage bagera ku 8000, batuye mu buryo buteganywa bwo gutura mu Midugudu, ubuyobozi bukavuga ko nta gahunda yo kuhabimura yigeze iteganywa.

Imudugudu batuyemo yagejejwemo ibikorwa remezo birimo amazi n'umuriro w'amashanyarazi.



Mu mvura umuhanda uhinduka ikidendezi cy'amazi

# Gakenke: Barifuza kubakirwa umuhanda Nyabitare –Vunga ubangamiye ubuhahirane

**NGABOYABAHIZI Protais**

***Abakoresha Umuhanda Nyabitare– Vunga bavuga ko babangamiwe cyane n'uko ugenda wangirika kubera ko amazi mu bihe by'imvura wuzura bigatuma ibinyabiziga bitahanyura, bakaba bifuza ko wakubakwa ayo mazi agacirwa imiyoboro kuko bibangamira ubuhahirane.***

Abavuga ko bafite ikibazo kibaremereye cyane ni abo mu Murenge wa Mugunga uhana imbibi n'uwa Gakenke, bavuga ko babura uko bageza umusaruro wabo ku isoko rya Vunga riri mu Karere ka Nyabihu no mu bindi bice by'Akarere ka Muhanga kuko uyu muhanda uhuza Gakenke na Muhanga.

Umwe mu baturage bo mu Murenge wa Mugunga Prosper Niyigaba yagize ati: "Muri kano gace kacu hera imyaka irimo ibishyimbo, ibigori ku bwinshi, ibitoki n'ibisheke twohereza mu Karere ka Musanze binyuze mu isoko rya Vunga, kubera ko nta modoka yagera ino nko mu bihe imvura yaguye ni yo yaba nkeya, umusaruro ni ukwikorera ku mutwe bagasanga imodoka hakurya, twifuza ko uyu muhanda bawukora n'iyo batsindagiramo igitaka."

Karegeya Eraste avuga ko uwo muhanda uko iminsi igenda ishira amazi agenda awuzura bikabasaba kuzenguruka nk'iyo bafite umugeni.

Yagize ati: "Uretse no kuba uyu muhanda utuma umusaruro wacu uhera ino [...] no mu bihe by'ubukwe usanga umugeni n'umukwe bazungurutse mu misozi yo hejuru, bisaba ko bambukira muri ibi byondo bakirwanaho bakambarira mu ngo ziri hano hafi, kuko rimwe na rimwe hari abanga gushorayo imodoka zabo, ubuyobozi budufashe gukora uyu muhanda mu buryo bw'ubutabazi."

Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge wa Mugunga Uwimana Eugene avuga ko ikibazo cy'uyu muhanda kibangamye koko ariko ko ubuyobozi bw'Akarere bukizi mu minsi iri imbere hazashakwa igisubizo.

Yagize ati: "Uriya muhanda nk'uko mwawubonye amazi ava mu misozi akaza akirekamo kuko ni mu nkengero z'igishanga, ubu rero ikibazo twagishyikirije ubuyobozi bw'Akarere harimo gushakwa umuti urambye kuko na bwo bwarahageze, gusa mu muganda twirwanaho tukagenda tuyobya ayo mazi iyo yuzuye."

Umurenge wa Mugunga ni umwe mu yeza ibitoki ku bwinshi mu Karere ka Gakenke ndetse n'imyaka inyuranye, harimo n'abakora ubuhinzi bwa kinyamwuga, bahura n'igihombo mu gihe uwo muhanda wabaye ibyondo.

# Nyagatare: Uwari yarahumye yahuye n'Ingabo z'u Rwanda arareba

**HITIMANA Servand**

***Musabyimana Donatila wo mu Murenge wa Gatunda, Akarere ka Nyagatare, aravuga imyato abaganga bo mu Ngabo z'u Rwanda (RDF) bahuye na yarahumye burundu bakamusiga areba neza nk'abandi.***

Mu myaka umunani ishize, uyu mubyeyi yari yarahumye ku buryo abantu benshi bavugaga ko byamaze guhinduka ubumuga bitewe n'uko yari amaranye uburwayi igihe kinini.

Uyu mubyeyi arashimira Ingabo z'u Rwanda ku bwa gahunda yo kwegera abaturage no kubaha ubuvuzi, kuko ubu amaze imyaka umunani areba neza mu gihe yakekaga ko yahumye burundu.

